

IKIMAMICO

Yahimbwe na MUKAMITALI Marie Consolée
Secteur Scolaire KARAMBO - MUSANGE
CERAI KIBUMBWE
Arrondissement GIKONGORO

Yigisha neza imibanire yo murugo ukuntu umugore agira inama umugabo ntayumve.

Dore abayigize (Abali mu mukino)

Umugabo, SEMAYOGA

Umugore we, NYIRANGORWA Verediyana

Abana babo 4

NGIZWENAYO : Umuhungu wabo w'umfura

Umuhaza : Umukobwa umukulikira

EMURANGE : Umukobwa umukulikira

NYIRARUHARA : Umwana wabo w'umuherezezi

RUSHENYI : Umucyecuru wigendera baziranye

BAHIMBAYANDI : Umugabo w'umaturanyi

NIYIBIZI : Sebukwe na SEMAYOGA

IGICE CYA 1

AGAHINDA NTIKICA

a) Abo mu rugo baganira

ABANA

Papa tujye tunganira utugire inama y'icyo tugomba gukora, kugirango tuzakire. Kandi muli Bibiriya baravuga ngo mwana senga uganire n'Immana nkuko uganira na so muli mu rugo, none rero tunganire utubwire nawe icyo uzatugezaho.

SEMAYOGA

Kubera iki se basha ?

ABANA

Kuko tubona abana b'ahandi barakize twebwe tukaba tuli abakene.

SEMAYOGA

Mwabuze iki ? Ko mwambaye mukaba mutarara ubusa ubwo icyo mubuze mushaka n'iki ?

ABANA

Inkweto, utwenda twinshi kandi twiza tukalya amavuta buli munsi n'imigati, inyama ndetse n'imbutu zose buli gitondo igikoma cy'ilimo isukali.

ABABYEYI (bareseka)

NYIRANGORWA avuga aseka

Erega muzanabibona ndumva mubivugisha amatama yombi, muvuga mufite ingufu n'umwete. Iyaba mwabivugaga muli abundi mutali abo kwa SEMAYOGA.

SEMAYOGA

Aliko wamugorewe kuki ? unteresa ukumvako unsuzuguye ugashaka no kunsuzuguzwa abana n'ukubera iki ? N'uko wumva wangize imbwa bazabibuzwa n'iki ?

NYIRANGORWA

Ndababujije ntibazampeho, muzihamanire uwo mugisha wanyu.

NYIRARUHARA (umuto mu bana)

Mama niwowe ubivuze nushaka ko dukira koko. Najyaga ngirango niwowe udukunda kumurusha none nuko uvuze.

NYIRANGORWA

Oya mwana urumva na kwanga ko mukira. Oya ahubwo nimujye mbere mu magambo no mu bitekerezo kugirango tuzabeho neza, mu majyambere y'ubukire no mugukorerera igihugu cyacu.

SEMAYOGA

Nyoko we ni mumwihorere basha buliya aba agirango ankore mujisho dore ko iyo tudateye amahane atumva amerewe neza. Nimwumve bana banjye mbahe inama dushobora guheraho. Dore wowe Ngizwenayo uzajye uragira inka neza, kugirango zizororoke noneho nkagulisha inka nkabagulira icyo mushaka. Umuhoza nawe akiga neza kugirango azajye mu mashuli makuru akazasohoka tukazagura ibintu mu mafaranga yahembwe. Nyiraruhara we aracyali umwana. Bamurange na njye tuzagumya gukora ibyimuhira byose byiza.

NYIRARUHARA

Yego koko tube abakungu n'abasilimu.

NGIZWENAYO

Ubwo wemeye kuzajya ugira aho ujya umaze gukora cyane mukabali.

SEMAYOGA

Yewe sha ndabyemeye aliko namwe mugomba kubaho mugakora mubishyizeho umwete. Ngaho nimujye kulyama, muruhuke muzabashe.

ABANA (bose)

Murakoze papa tulishimye kuko utubwiye ibyukuli.

NYIRANGORWA

Na Bamurange umaze iminsi avuga ngo arumva mu nda hamulya, azakora iki ?

UMUHOZA

Kzagufasha imilimo y'imuhira yose mufatanye ngo na papa azabafasha.

NYIRANGORWA

Yiba arukundushya gusa, azaba amfasha iki ? Yewe nzaba ndora imigambi yanyu icyo izaba-gezaho.

SEMAYOGA

Nimulyame nyoko ni mu mwihorere ntiyali ahali tubivuga ubwo n'ukubacokozza kubusa.

b) (Ubwo baralyama barasinzira)

(Bucyeye)

SEMAYOGA

Mwaramutse ba, mwaramukanye imigambi ki ? y'icyi gitondo

ABANA

Twaramukanye imigambi myiza yo kugukorerera no kukubaha, mbase ibyo twasezeranye byose.

SEMAYOGA

Halya twasezeranye gw'iki ? Ko tuzakora iki ?

NYIRARUHARA

Reka mbikwibutse wavuze ko Ngizwenayo azakuragilira inka neza.

SEMAYOGA

Rekeraho ndabyibutse ba ugejeje aho.

BARUMURANGE

Jyewe ndumva ndwaye mu nda.

NYIRARUHARA

Mama yahoze abivuga none birabaye.

NYIRANGORWA

Sinababwiye mukanseka, ubukire bwanyu nibukireki ? Cyali kiganiro mwali mwifitiye ubundi mwagirango mugumye munyisekereze gusa. Ubuse ukoze iki ? ubahaye uruhe rugero ?

c) (Batangiye imilimo)

SEMAYOGA

Ndagiye wahilire inyana uterena ya ntabire ya mateke kandi urabanza kuyazana hamwe nayasabye.

NYIRANGORWA

Iyumvire iyo milimo yose kandi dore abana ubohereje muyabo milimo none ngo uragiye ugiye he se kutagiye guhinga, wagumye aha tugakora imilimo ili hano.

SEMAYOGA

Nimwumve agasuzuguro ye niwowe utuma abana banjye bazaba imbwa ubaca intege.

NYIRANGORWA

Ubwo nijyewe ubaca intege yabaye wowe dore nawe bagiye ntuhinze, ntusigaye hano ngo unyasilize ngo basange n'ibilyo byahiye ngo maze bishime ubwo abo bana bazabura kugira agahinda.

SEMAYOGA

Agahinda kiki ? Bakore nibadakora barorerere asyi we ubwo butume nilirwa mu rugo ngo nagiyeye inama n'abana kubera iki.

NYIRANGORWA

Mwabivugaga ntabaseka mukantuka none singaho.

SEMAYOGA

Ese ubundi imilimo uvuga n'iyihe ?

NYIRANGORWA (aseka)

Niba utazi imilimo y'urugo, irorerere koko mukukurenganya. Ubuse, uragenda inkwi zo wazimpaye, ubwatsi ntiwabwahirira. Ukamenya gutegeka aliko ukayoberwa wowe icyo ukora; ubwo nabwo s'ubwenge n'ubwishongozi bw'amafuturi.

SEMAYOGA (akabuke)

Ye kubera iki ? Ese urashaka no kuntuka kuli akaga susuruko.

NYIRANGORWA

Nuwagutuka ntiyaba akosheje, aliko ali undi utaliye koko umuntu wohereje abana mu ijoro none wowe baraza basange ntacyo twe twamaze bavuge iki ? Koko ! ahubwo twilirwe dushahurana yewe ndakuretse.

SEMAYOGA

Erega ubwo na kuretse ngo untuke wihigire, ubwo washatse kuntuka ntawagukira keretse ukubishije ugasigara umutuka.

NYIRANGORWA

Aliki kuki ? nkubwira ibizatugilira akamaro ukavuga ngo ndagututse n'ukubera iki ?

SEMAYOGA

Nubundi amategeko asigaye ali aya bagore ndagushakaho iki ?

NYIRANGORWA

Genda ndakora ibyomashobora ibyo ntashobora mbyihorere. Ese reka nkwibalize Bamura ngwino hano. Ngombwira uravuga uti ndagiye, kandi umwana yahoze ataka ejo ko arwaye munda, none hamurembeje ubuse uravuga uti ndagiye ugiye kumugulira utunini se ? Umujyanye kwa muganga se ukoze iki muli byo ?

SEMAYOGA

Bamura urumva hakulya.

BAMURANGE

Haramara akanya noneho hakandya cyane nkumva na kwikubita hasi cyangwa nkaruka ubusa n'urufuro.

NYIRANGORWA

Hali hakulya se ko ali myaro. Iso singuwo ube umureba nuzze gusigara undushya n'ibyo nkora ntabishoye, ntagucike jyewe na muretse kuko aho gutera amahane nahisemo gukora icyo nshoboye.

SEMAYOGA

Nushaka ukore cyangwa urorere icyo nzi n'uko ibyo nakubwiye byose bimbabaje.

NYIRANGORWA

Wahanye aho ukabikora ubwo abana baraza mbahe iki ? Uragende uziko Kanamugire yihanije inkoko za mumaliye amashu, kandi dore n'ibishyamba byamaze.

SEMAYOGA

Mwaziboheye ibiziliko.

NYIRANGORWA

Nanjye naragowe nawe agahindiyaha kose ngo niyewe, ngacuragana ijoro likagwa aliko ntumwumve ko navunitse.

SEMAYOGA (amukangara)

Agasuzuguro k'abagore n'ishyano. Azongere yihanize.

NYIRANGORWA

Dore aho nahereye, ngaho aho tuli n'ubana nziboheye wiliwe wibunza mu kabali uzangaye. Waziboheye utazibohera ukazihorera bakaguca amafaranga.

SEMAYOGA (amukangara)

Nyakurahe ? Sinyakura mu byo ulya, ako gasuzuguro kose sijya wabiteye. Ntubeshye waragaranye uzajya ukora aruko nakoze nibyo koko.

NYIRANGORWA

Kandi ibyo nkubwira ntunyumve byose bizakugaruka.

SEMAYOGA

Se wa mugore we, urashaka kuntegeka no kunkeresha yemwe nibyo koko. Utangiye kumpinyura ute? Umaze igihe kingana iki iwanjye ? Urenzwe ibyanjye none ugiye kuntegeka, abagore mwabaye nabi uziko murengwa gitwa; maze mukigira bakazi ubwenge.

NYIRANGORWA (ahigima)

Ubundi se abagore hali ubwenge tugira uretse ko nta nubahinyura ahubwo murakora mwageraho mukarengwaho mugakora ibidakorwa.

SEMAYOGA

Iyumvire ntawe ibyumvuga bakora ibidakorwa bate ?

NYIRANGORWA

Ngaho igendere ulibube ugaruka ninjoro uhondagura baba Nyirangorwa uvundereza amacandwe mabi bene imiraho.

SEMAYOGA

Ndagiye umenye ibyo wasezeranye nsange wabitunganiye kandi urajye usura na ya ntama ntabwo nayijyane mu nka uyirebe itonera rubanda ikankorera ishyano.

NYIRANGORWA

Koko ubwo wayisize ngo yirirwe indushya ureba uko meze uku ! n'ibilimo yose ili hano, alijye ireba uko ingana. Bahungumwe ngo uwabuze ntabona sinali kubona ya ngurube ivuye aho ngo iyo ntama igire amahoro ubuse uragaruka lyali ?

SEMAYOGA

Nagaruka ni mugoroba, nagaruka ga vuba nkagukorera iki ?

NYIRANGORWA

Wabura unkorera iki ? Ntiwasigaliramo ngizwenayo akaza kumfasha imilimo y'imuhira, ubwo wowe ntacyo ushoboye kumfasha ?

SEMAYOGA (amukangara)

Sinje, sinaza noneho ureke gukora; ngo niyewe utegereje. Ninabishaka ndarara hali nuwali wambwiye ngo nze ampe inzoga none ndibujyeye mvuye kureba urwagwa.

NYIRANGORWA

Mba ngirango gucire umugani, n'ubundi ndavuga ubusa babivuze ukuli baca umugani mu kinyarwanda ngo kubwira utumva n'uguta inyuma yahuye. Nawe niko bimeze. Ngaho genda sinzagusubira ubwo udashaka kujya inama nanjye.

(ubwo umugabo aragiye)

UMUHOZA, NGIZWENAYO, NYIRANGORWA, BAMURANGE, NYIRARUHARA

d) Ababaganira na nyina gusa)

NYIRARUHARA

Mama wisigara wivugisha humura turagufasha imilimo yose ikuvuna.

NYIRANGORWA

Nuko mwana wa erega n'ubundi iyo nkubyara mbere uba warancunguye, ntakikimvuna ye.

NYIRARUHARA

Bamurira, Mama arankunda kubarusha mwese.

BAMURANGE

Ese ubundi ngo ntuli bucura, alibyo kuvuga ngo umwana yanteye munda.

NYIRARUHARA

Uramenye wa mukobwa we wishaka kunsebya wambonye ute ? Abahandi bahituma bate ? Ngiye kukurega maze ndore.

NYIRANGORWA

Ibyo n'ibiki ko mutukana, murashaka kurwana Nyiraruhara we aho none ntumuhurira.

NYIRARUHARA

Aliho arantuka ngo na nteye munda yawe ra.

NYIRANGORWA

Genda ucanire mwihorere dore ko wigize umupfayongo.

NYIRARUHARA

Nanjye singucaniye uraza utuka jyewe jyeniyine kubera iki ? Undi we utamutuka. Ngo n'uko arwaye.

NYIRANGORWA

Cana vuba ndaguhamba kurubu sakumi zirageze umuhoza sinamukira asanze bitarashya, ngizwenayo na we yabwiliwe yabuze umusigaliramo.

NYIRARUHARA

Papa yagiye he atamusigaliyemo ngo abanze alye abone kuzisubiramo.

NYIRANGORWA

Yagiye mu kabali, yajyaga handi he ? Yamusigaliragamo se abyitayeho; bimutwaye iki ? Niyagiye kunywa urwagwa aliko sinamubwiye kujya kuyagura imiti ya Bamurange atararembe ntiyanze.

NYIRARUHARA

Iyo umwihoreye; we se aramwanga, we ntabwo bizamurushya hanyuma amaze kuremba.

NYIRANGORWA

Uri umwana koko, ubuse uruzi abyitayeho. Inama mwagiye ubu yayikulikije. Si we wali kubaha urugero. Yewe ni muceceke. Yagiye tutamaze gutagagurana, ngo ngaho ndareba ko yarorera; tugakora koko tukazaba abakungu nkuko mwaraye mubivuze none ntiyanze.

BAMURANGE

Se mwamwihoreye bibatwaye iki ? Siwe mugabo siwe bazaseka hali icyo bibarebaho. Siwe wisuzuguza aba mwubahaga.

NYIRANGORWA

Aliho uramenye utazagira icyo umbaza ujye ukibaza so.

NYIRARUHARA

Ubundi umuntu wigenza ntimwajyana ukamuvuza mu gataha. Nimara kumurembya ho muragowe.

NYIRANGORWA

Hali inzira mbi igendwa n'abagabo. Nta mugore wahanyura wenyine.

NYIRARUHARA

Nzaguherekeza tumwijyanire kwa muganga mama.

NYIRANGORWA (aseka)

Naguheka nawe nkamuheka rero, se twagerayo twagaruka tukazagera ino lyali ? Ingendere uranze uranshekeje ubaye umuhererezi pee !

BAMURANGE

Aho kujyana mwe, Birutwa n'uko mwampa Ngizwenayo wenyine tukaba aliwe tujyana.

NYIRANGORWA

Erega n'ubundi sinabuze uwo mujyana ahubwo nabuze amafaranga yo kukuujyana.

BAMURANGE

Ese mama wigeze ubibwira papa ngo aguhakanire cyangwa akwime amafaranga ?

NYIRANGORWA

Mureke nze n'ubu kubimubwira mwiyumvira mwumve namwe icyo ansubiza.

BAMURANGE

Ubwose naza yasinze urabivuga, none yagukubita ?

NYIRARUHARA

Naza yasinze tumubaze tuti wanyoye he ? Wanyoye iki ?

NYIRANGORWA

Uramenye wagakobwa we, utantukisha so akavuga ngo nibyo nakoheje kandi ndengana.

BAMURANGE

Ese ubwo yabitinyuka kubaza se ngo wanyoye he ? Wanyoye iki ? Erega we ntiyaba ali umukobwa yaba ali Rushirabwoba.

NYIRANGORWA

Saho bicira ibintu maze bakavuga ngo bakulikije inkanda. Ngo n'uwanyina kandi ubwo bushizi bw'isoni ntarabwigeze.

BAMURANGE

Wasanga bavuga ngo niwowe wamwoheje kubivuga.

NYIRANGORWA

Sibyo nahoze mvuga, nkamwamagana ngo atankorera ishyano, nkavaho nkubitwa.

NYIRARUHARA (avugana ikiniga)

Muranyihaye kuli inc saha ubuse ko numvise mwangejeje aho.

NYIRANGORWA

Nanga ko witetsha mu byo uzi ukigira utazi ururo n'icyatsi uziko nali kuzagusiga nkajyana mwene-nyoko kwa mugagana.

NYIRARUHARA

Wabwiye se akamujyana we ufite imbaraga, wagerayo vuba.

NYIRANGORWA

Uranyibukije noneho ndamubwira ndebe icyo ansubiza; nuko noneho ali bunyice.

BAMURANGE

Keretse n'umubwira umukangara nkakumwe ujya umubwira limwe na limwe.

NYIRANGORWA

Yewe bana ba, ni so nawe ndamuzi keretse utamubwira ikimukuraho ifaranga lye.

BAMURANGE

Umwihorere igihe nzaba ntabasha kugira icyo muhereza tuzarebe icyo atakereza.

NYIRARUHARA

Ntashobora kuvuga ko atabimenye ko arwaye.

NYIRANGORWA

Kandi abiruzi wa, ahubwo yabyirengagiza.

NYIRARUHARA

Ati : iyo mumbyira kare atararembe

NYIRANGORWA

Abibwirwa n'urwaye.

BAMURANGE

Ntabwo yabivuga, abivuze bose bamuseka umva umugabo niwe ureba mu rugo ikitamerewe neza akaba aliwe ubicunga umugore akabitunganya kurushaho; ikimunaniye umugabo aba akireba n'icyo gituma abivuze bamuseka.

NYIRANGORWA

Yego ma, ibyo mu bibyirwa n'iki ? Ko numvaga abakuru babicamo umugani ngo umugabo n'umwugaliro w'urugo, umugore akaba umutima w'urugo. Cyangwa umugabo : umutware w'urugo umugore : umwambali wa rwo none umenya we ibyo atabizi.

NYIRARUHARA

Mama, nsubiriramo ayo magambo.

NYIRANGORWA

Uyagire ute ?

NYIRARUHARA

Kugirango nyafate mu mutwe nzajye nshobora kuyasubiramo.

NYIRANGORWA

Uyabwira nde ? Ayo magambo ko atali ibikinisho by'abana. Uragirango uzayavuge so yumva agirengo niwe uca imigani, alijye wabikoheje ? Uramenye ntazazira amagambo yawe.

BAMURANGE

Kandi koko uli mukobwa azaligukorera biturutse mu kanwa ke.

NYIRANGORWA

Ngaho ni mugende muncanire kurubu abandi baraje basange ntacyo turakora.

BAMURANGE

Wabikoraga ngo mbibonemo umunezero n'ibyishimo, nk'abandi bana bafite banyina na se ? Usanga bameze neza.

NYIRANGORWA(afite agahinda)

Mwana wanjye se ngirente genda unyegerere Nyiraruhara akunde ancanire ese koko wabeshye nibashaka bakore cyangwa barorere halicyo bitumaliye.

NGIZWENAYO

Ese papa yagiye hehe ? Kwataje kunsigaliramo.

NYIRANGORWA

Agusigaliramo mu kabali hakajyande ? Ninde wakwilirwa mu kibuguzo atali SEMAYOGA.

UMUHOZA

Ya kwilirwa yicaye iruhande rwawe agukorera iki ? Akubohera agasambi, agutaniye, agukiza utwanda se ? amaliki aha ngaho.

NYIRANGORWA

Erega umugabo uzashaka; uzamwibuza. Urumva umwana yabwiliwe aliko wowe ngo ntacyo yali gukora; barengere.

UMUHOZA

Iyo mbarengeye ko yajyaga ampa icyo mwatse.

NYIRANGORWA

Ntiyakunze Ngizwenayo nabi.

NGIZWENAYO

Yako bali virese kunkunda.

NYIRANGORWA

Nuko wabaye uwa nyoko, Bana mwe, uko umuntu akura akuza ingeso. SEMAYOGA yahoze ali imfura akanywa agataha, akegura inkike y'urugo yaguye, akagukinisha wowe Ngizwenayo ukili umwana, tukaganira ntamatiku. None ntacyimenya iby'urugo rukeneye aranywa agasinda agata umutwe, mbega yabaye undi.

UMUHOZA

Ubwo koko ntutubeshya mwigeze kuganira mudatongana ko mbona iteka icyo muvuga mucagagurana, wagirango ntimwigeze kubana mu munezeo.

NYIRANGORWA

Ngaho nimugende mulye. Bamurange we yarembye aliko menya abonye udutotsi maze, akanya ntumva yigaragura.

NGIZWENAYO

Yebabawe, arapfuye we !

NYIRANGORWA

Ko mugarutse mulira n'ibiki ?

NGIZWENAYO

Banguka ahubwo arapfuye.

NYIRANGORWA

Inde upfuye ? Azize iki ?

ABANA (balira)

Bamurange urwe rurushe

NYIRANGORWA (afite ubwoba)

Yeba mpanga-mulinzi we ! Yekoyo mandwa za mabukwe, mandwa za Data-bukwe nimunyunamulire, dore inzoga dore amata nimuseke mugoroke. Data na mama nabo nibahe maso. Bamura uranze u urapfuye, wagiye kera kubusa.

UMUHOZA

Yewe dore arakubaganya akaboko arahembutse.

NYIRARUHARA (avuga ababaye)

Bamura wiliwe

BAMURANCE : Yego

NGIZWENAYO : Bamura umeze ute ?

BAMURANCE : Ndaho aliko ndumva ntabashije

NYIRANGORWA :

Nuko mwana wa, urahembutse nuko nyabu ngaho eguka ese wali ufashwe ute ?

NYIRARUHARA : Ubwo muramubaza iki ? arabashije

BAMURANCE

Umva nali mfashe udutotsi ngiye kumva numva ikintu kimfashe mu rutavu numba umwuka uraheze.

NGIZWENAYO : Mwene mama genda upfe, uzize so na nyoko batakwitayeho.

UMUHOZA : Ubwo se na mama nawe ali mubatamwitayeho, uzi aho yahereye atota Semayoga ngo bamujyane kwa muganga none nawe uravuga ubusa. Abimubwira ntiwari uhali? undi akanga.

NGIZWENAYO : Noneho abimubwire, twese tuvugire kimwe tuti : wajyanye umwana kwa muganga.

NYIRANGORWA : Mube mumwihoreye nzabanze mwibwilire

NYIRARUHARA : Ndabibonye date ntacyo azatumalira

NYIRANGORWA : Ahali nuko aba anduzi, akagirango ampime

NGIZWENAYO : Sukuguhima ahubwo n'umutima utibaza. Umuntu we ntahimana yageraho akagereranya Yewe umenya ashaka ko tutabaho.

NYIRANGORWA : Oya sicyo, ahubwo umenya baramuroze. Haliho umucyecuru wigeze kumtongagira arambwira ati : wa mugore we; wali ufite amahoro aliko ufite ukara rw'umugore rugaturuka amajyepfo. Ruhiga ngo rugutwara umwana kandi rukazatera umugabo umuhohoto. None rero bimwe ntangiye kubibona, muramenye mulinde ka kanaka.

UMUHOZA (aliyamalira) Yeee uratangiye kugenda uraguza, uyagira umuhisi n'umugenzi.

NYIRANGORWA : Uramenye w'agakobwa we ese uratangiye kujya uncamara. Salizwa iyo nyaga nyagira nde ? Ayira ntu erega uje kwigira imbonera nka so iyo ali munzira agirango n'umukozzi wa leta, aliko wagera imuhira ugasanga ali mu minuko.

UMUHOZA : Ngaho ntuka, aliko data we mwihorere ubwo ntamukulikiza na kulikiza nde wundi ?

NYIRANGORWA : Nuko umbwiye ntuzi ngo ko umwana mubi ali uwa nyina none wo ngo uzasa na so wasaga nanjye ngo ubone inzira wowe na so muli intore.

UMUHOZA : Ntuka, ugire uko ushaka sinzagusubira kugira icyo nkubwira.

NYIRARUHARA : Semama aha yagucokoreje, wamukubise igiti si wowe umutegeka.

NYIRANGORWA : Wowe kuntuka buli munsu wali wabona ngukubita, muzagwe hilya nawe nzakoza n'urwara.

NYIRARUHARA : Erega uradukunda mama.

NYIRANGORWA : Wagirango se ndabanga ko ahubwo munyanga alimwe. Ngaho Ngizwenayo we genda wugalire uze mulye dore wiliranywe igitima kidiha ufite ubwoba ntiwalya.

NGIZWENAYO : Ndugalira SEMAYOGA ataraza.

NYIRANGORWA : Ahoozira turaberereka ese araba aza ajyahe ! Jyewe naza uyu munsu tulicana narambiwe amalira ya Bamurange.

UMUHOZA : Ubwose uraba ugirango agire ate ?

NGIZWENAYO : Bamujyane kwa muganga

NYIRARUHARA : Yego koko amubwire twumve icyo avuga.

BAMURANGE : Iyo abakubita mukavuga icyo mumushakaho we ntaba anduzi.

NYIRANGORWA : Umva uko yabaye. Ibyo unyaka ubinyakisha amalira wagiye ubyaka so. Kwamara kugenda ugata akaboko, ugata akaguru, ukamberagiza ndabimubwira azajye kukwicarana kwa muganga.

NYIRARUHARA : Kwa muganga hehe ? mama aho none ntibazanyura ku kibihanga.

NYIRANGORWA : Inzira yindi wabona se n'iyihe ?

NGIZWENAYO : Yewe nanjye ndahatinya aliko ntacyo tuvugire liswe tuti : Jyana umwana kwa muganga.

IGICE CYA 2

SEMAYOGA atahuke n'ijoro (umugore amubwira kuvuza)

SEMAYOGA, NYIRANGORWA, NGIZWENAYO

NGIZWENAYO : Wa mugabo ngo umaze aguhe bimwe wa mwakaga

SEMAYOGA : (alirahira) Rahira indamutsa, nahawe ndamukanije na nyoko mu rugo kwa Databukwe.

NYIRANGORWA : Ibyo wamwatse se n'ibiki ?

SEMAYOGA : Urakibaliza iki ?

NYIRANGORWA : Nimubiyhorere icyo ngusaba nuko ugomba kujyana umwana kwa muganga.

SEMAYOGA : Urashaka kumujoyana lyali ?

NYIRANGORWA : Ni kera se, nukuzinduka kare

SEMAYOGA : Nta mafaranga mfite

NYIRANGORWA : Uzayabona lyali ? Uya kuye he ? Uyagira gihe ki ? Waraye uje umeze ute ?

SEMAYOGA : Naje meze nte ? Nali ndwaye iki ?

NYIRANGORWA : Ntiwiyumvira se; ubundi ninde uzi icyo ukora aliko bati ! ngo bagirengo ntunywa ngo usinde.

SEMAYOGA : Nywa he ! nywi iki ?

NYIRANGORWA : Nuko da! Byeli zinywa nde, inzagwa nziza n'ibindi ntazi aliko ntibakwaka amafaranga yo kwikenuza ukavuga ngo ntayo, humura ntacyo nyagura nayo kujyana umwana wawe kwa muganga.

SEMAYOGA : Ese wowe wamujoyanye umaze iki ?

NYIRANGORWA : Mpa amafaranga mwijyanire, aho kugirango apfire mu ma so.

SEMAYOGA : Ese uli muzima wa mugorewe aho ntiwasaze.

NYIRANGORWA : Nabura gusara nte mfite intimba intengura umutima. Ese urabeshye ko ntacyo akwaka ngo ukibure.

SEMAYOGA : Wa mugore we ngusabye amahoro nti wanga umvire mu rugo.

NYIRANGORWA : Yego mugore w'abasinga. Ese ubundi mu kurushaho ubuzare, wavaho unyirukana najya he ?

NGIZWENAYO : Ese papa ko numva ibyo avuga umucyaha ntavuga ukuli ubwose bizagenda bite ?

SEMAYOGA : Se sha umfataniye na nyoko

NGIZWENAYO : Amaherezo muzagumya musigane kandi umuntu ali mundunduro.

SEMAYOGA : Ni mumpe amahoro nzamujyana wa mugabo yampaye amafaranga.

NYIRANGORWA : Azayaguha lyali ? Uzaba wa mukoreye iki ? Nonaho sayo umuguza ukazayaheza nkaya mutumwinka.

SEMAYOGA : Wa mugore we uranze ungize igisambo bigeze aho ! Amafaranga y'uwo mugore sina - yamuhaye hashize iminsi itatu ayampaye. Ese abagore nuko mwabaye mukorero mwilirwa musebya abantu, amagambo y'abagore bayatinye.

NYIRANGORWA (amucyaha) : Yego amagambo y'abagore uyazi ute : abagabo mwe muvuga ameze ate? babivuze ukuli, ngo ntawivuga amabi ameza ahali. Niko kuvuga utyo wa mugabo w'inshuti yawe yavuze ngw'iki ? asebya mukagahima kandi nabonye ali hanyuma y'inbwa zose zili kw'isi.

SEMAYOGA : Ameze ate ? arwaye iki ?

NYIRANGORWA : Uzi kumusanga mubandi bagabo akamyira gahoboba akandi agashorera. Yewe ninyanyali koko, dore mwakabaye inshuti, muli kimwe nako uli hanyuma ye.

SEMAYOGA : Kandi abagore naho mulira ibintu iyo wanze umuntu uranamusebya.

NYIRANGORWA : Ntawe nsebya mvuga ibyo ndeba.

SEMAYOGA : Abagore mubona umuntu abihoreye mukagirango n'ubugabo bundi umurusha. Urabona aho wampereye ukalinda kungerera na cyakimara.

NYIRANGORWA : Ukise ikimara ute ? wowe ukirushije iki ? Naba nawe arwaza umwana we akamu-
vuza, akagulira umugore ingutiya, naho wowe ntiwilirwa mu kabali, ukina urusimbi ugataha wasinze.

SEMAYOGA : Wa mugore we noneho uzamusange hoshi genda winyiteruraho pu.
(amukangara)

NYIRANGORWA : Ubu se umwana wanjye apfuye ururupfu atagufite uli se.

NGIZWENAYO : Ndumva amagambo muvuga nkumva intege zicika.

SEMAYOGA (amukangara) Haguruka vuba unyahulire inka.

NGIZWENAYO : Ubuse ndahura iziteze kumara iki ?

SEMAYOGA : Aho uhagejejwe n'iki ? wampyisi we ! Sizo sikunganishije gutyo.

NGIZWENAYO : Noneho se uliya arazira iki uzifite ? Nizimpobagiza kubusa, izo nka se n'umurato.

SEMAYOGA : Se ayo magambo, nayo nyoko akoshya.

NYIRANGORWA : Mama naragowe. Uvuga ibyo areba byose ngo ni jyewe uba nabimwoheje. Nuko ari ibidashoboka naba ikiragi.

SEMAYOGA : Niko wa mugore we, ko numva usa naho unca imigani ayo magambo areba avuga n'ayahe ?

NYIRANGORWA : (arahigima)

NGIZWENAYO : Ubwo se iyo ndeba umuntu apfa ruliya rupfu kandi afite abashobora kumuvuza ibyo n'ibintu, bashobora kunyoshya.

SEMAYOGA : Niko sha urashaka, kuntegeka hamwe na nyoko. Kwakwitonze mukareka kwiterura ko ndi umukene, ubwo mbuzire sha ?

NGIZWENAYO : Wagulishije inka imwe ukamuvuza.

SEMAYOGA : Hoshi wimena umutwe wacyohe we; ngaho zisange.

NYIRANGORWA : Agenda ayahe ? nahame aho amfashe iliya ndembe mbone uko nkorera nabasigaye. Uzisange nawe.

SEMAYOGA : Ngwiki ? wa mugore we

NYIRANGORWA : Uravuga ngo nagende ahwajya nihe wowe ugiye hehe ? ugiye guhinga se.

SEMAYOGA : Ntahinga se bwo simutegeka s'umwana wanjye.

NYIRANGORWA : Yego, n'umwana wawe aliko se, ubu uramurera neza.

SEMAYOGA : Ndabuzwa niki ? Kumurera neza.

NYIRANGORWA : Reka nguhe urugero rutuma utamurera neza. Dore ubu ni igihe ki ? ni saha 7-10 min. uragaruka lyali ? h12 z'ijoro ubwo nibyo, urwo n'urugero rw'umuntu urera neza. cyangwa na sasita z'ijoro utaje, ubwo naba ndihe ?

SEMAYOGA : Uli mu rugo ubundi se naza wajyahe ?

NYIRANGORWA : Naho najya aliko mukamfasha imilimo y'umugoroba.

SEMAYOGA : Ngizwenayo, araba yacyuye agufashe.

NYIRANGORWA : Nkaho naruhutse, nkajya gukubana n'ijoro. We ntaba shonje, yewe ndose upfuye nka nyina, mwihorere mureke agende gumaha umfashe, uwamusigaliyemo azirirwemo.

(NGIZWENAYO na Nyina biherereye)

NGIZWENAYO : Reka nkubwire, tuziyemeze tumutuke. Yaje yasinze maze n'arwana tumufate tumukuremo amafaranga anywera buli muni maze ntashobora kutwirukana, tumubise azigarane niliya ndembe yumve nawe umuruho warushye, n'agahinda wagize.

NYIRANGORWA : Twabishobora duta ? ubwo se ko nagenda wowe wajya he ? ntitwanamushobora.

NGIZWENAYO : Tumufatanye twese. Twamwambura amafaranga tukazinduka tujyana umwana kwa muganga.

NYIRANGORWA : Ceceka adaturuka ku kiraro cy'inka akumva.

NGIZWENAYO : Ahubwo nguwo yaje kureba igishilira, erega noneho agarukiye hafi.

NYIRANGORWA (aseka) : Ubwo yali asize tulikumwe, agarutse kumva icyo tuvuga, na mana ngo tujya uzi iyo ali mubandi avuga ngo ndamutegeka n'umuhungu wanjye. Alike sijye asebya, niwe baseka.

NYIRARUHARA : Nimuceceke nguwo yaje.

UMUHOZA : Kugarutse vuba noneho nta kayoga ubonye.

SEMAYOGA : Nilingarutse kureba ko nyoko ya sengereye ngo ampe nsomeho.

ABANA : (baseka) asengereza iki ? ibyo akuye he ? Yabuza nayo kugura imiti ya Bamurange ngo arabona ayo asengereza.

NYIRARUHARA : Papa, ejo umaze kugenda Bamurange yahwereye, alitigisa, arerembura amaso tugirango arapfuye. Igihe baje kugushaka tubona akubaganije akaguru. Egera umujyane kwa muganga atarapfa.

UMUHOZA : Papa ubwo koko ulibaza iki ? mwavuje umwana vuba.

NYIRANGORWA : Nashaka azapfe, inyama ashaka azibone vuba ari hafi humura niyishime.

NGIZWENAYO : Ni byo koko

SEMAYOGA : Ubwo mugiyeye kumva, mwa mbwa mwe mufatanije na nyoko. Muhagarare nze, mbanobe niba alicyo mushaka. Halya ngo murafatanira niyo migambi mwiliwemo. Nicyo cyabujije Ngizwenayo kunsangira inka.

BAMURANGE : (afite ubwoba) ubwo mwacecetse, nabakubita muravuga ubusa.

UMUHOZA : Ubwo koko uradukubita uduhora iki ?

NYIRARUHARA : Ubwo wabasha kubo wibyalije.

NYIRANGORWA : Yadukubise

SEMAYOGA (akangara) : Dore aho mwampereye raka nze tuvugane (ubwo abana abata hanze)

ABANA : Basohoka balira

NYIRARUHARA : Yebaba arabishe we (alira)

BAMURANGE (alira) : Ye baba ubwo murapfa iki we mwaretse ngapfa jyewe wapfuye mbere yebaba arabishe we we.

NYIRANGORWA : Yuu arangororeye, nushaka unyice numuruho naruhiye aha nawo sinato (Barwana bagwira ibintu)

ABANA (bose) : Bose balira

BAMURANGE (avuga alira) : Sinzi ugwiliye rwa rushya.

UMUHOZA : Bamura hunga nawe batakugwira

Ngizwenayo we arapfuye sinzi icyo agwiliye.

(yivovota)
SEMAYOGA : Aho mwahereye mushyogoza mukagirango n'ubugabo mundusha, mureke mbavunire umuheto.

NYIRANGORWA : NYICA, ni ngororano ndayibonye aho nahereye nirenga, nirengura, nirenza amabyi n'ibyatsi. Nyica jyeniyine aliko winyicira abana.

NYIRARUHARA : Mama urabasha kuvuga !

NYIRANGORWA : Nimuceceke ahubwo anyiciye umwana Ngizwenayo sinzi kwasigaye.

SEMAYOGA (abatuka) Pupu muzibe, mwimena umutwe.

NGIZWENAYO : Turamena se, hali umwuka dufite

SEMAYOGA : Kavuni-umuheto, urumva ako gasuzuguro wihaye. Kwigira nka nyoko. Witonde, umenye neza ko ngutegeka. Urabe uziko ugomba kujya aho ngutegetse cyangwa mpakohereje.

NGIZWENAYO : Nicyo gituma unyishe urwagashinyaguro.

BAHIMBA-YANDI : Mwaramutseho yemwe

UMUHOZA : Mwaramutse. Tambuka uze munzu wicare

BAHIMBAYANDI : Verediyana ali he ?

NYIRARUHARA : Ali mu gikali aliho alihumura

BAHIMBAYANDI : Ese mwaraye mulizwa n'iki ?

NYIRANGORWA aturutse mugikali

NYIRANGORWA : Mwaramutse

BAHIMBAYANDI : Yego mwaramutseho mwaramukanye amahoro se

NYIRANGORWA : Nta miramukire jyewe n'umwana wanjye tubaye tubasezeyeho naho ubundi, akacu kararangiye.

BAHIMBAYANDI : Erega usanze ndiho mbaza abana nti ese mwaraye murizwa n'iki ? Nuko rero nibwo winjiye munzu mbona n'inguma gusa ndayoberwa.

NYIRANGORWA : Babivuze ukuli ngo so ntakwanga akwita nabi. Iyo ntekereje data uko yangiraga nkareba nibyo Semayoga ankorera numva nakwiyahura.

BAHIMBAYANDI : Kwiyahura biraguma, ntawe upfa kwiyahura gusa ahubwo umuntu ata umutwe akumva yakwitera icyuma agata umutwe.

NYIRANGORWA : Ubu ndareba uko yaraye angize, n'urushyi yakubise Ngizwenayo yanahondaguye nyinshi zirumwe gusa nkumva na mukubitisha inkuba.

BAHIMBAYANDI : Wowe uravuga aka bagabo barubu hali ukivuga hali ukoma. Ntiyo yakubwira ngo asama agutamike amabyi wakwemera.

NYIRANGORWA : Ntawashatse nkanjye.

BAHIMBAYANDI : Ntiwavuga utyo ! haliho n'ukurusha kandi ntiwantekerereje uko byagenze.

NYIRANGORWA : Wigumya kubinsubizamo utabona ngusaranye.

BAHIMBAYANDI : Aliko se koko yaguhaye iki ? mwapfuye iki ?

NYIRANGORWA : Twapfuye iki se, dore niliriya shyano ureba lyarembye twapfuye ko mubwiye ngo namujyane kwa muganga.

BAHIMBAYANDI : Ibyo gusa ?

NYIRANGORWA : Ibyo gusa. Arafata arahonda ngo jywewe n'umuhungu wanjye ngo turamuzira.

BAHIMBAYANDI : Buliya se kombonye ayembayemba aguye he ?

NYIRANGORWA : Nagende, ahali nabona uko mubererereka agasigara mu rugo rwe n'abana ndange ndishunga inzingo.

BAHIMBAYANDI : Nawe ntiwavuga utyo, ubwo se wahita ugenda; ngo nuko mwarwanye. Oya ube wihanganye.

NYIRANGORWA : Have sigaho, ese kwalige gicucu uba aba angira atyo. Nzemera ngende nicare /^{iwacu}
kabili ahali yakumva umuruho narushye.

BAHIMBAYANDI : Wivuga utyo. Ukubiye ku mujinya emera wikorere.

NYIRANGORWA : Waya we; ntwandushije kwinginga umugabo none arananiye sinshoboye kugwa kugahinga. Ese kumbwira utyo simbona abagore banyu mubavuga bakaba bagiye, kandi ntakibavuna nkanjye. Yewe, naho Nyirangorwa ndakomera.

BAHIMBAYANDI : Ngaho wilirwe, aliko umutwe wo kugenda wihorere.

NYIRANGORWA : Wilirweho genda ujye iwawe. Impamvu umbwira ibyo nuko ushaka kumpenyera. Ngo usange umupfu alya amabyi ngo aramubwira ngo lya naya, nawe rero igendere.

BAHIMBAYANDI : Wimbwira utyo untura umujinya urumva, sijye wamwoheje ngo nagukubite. Ibyo urabishakira iki ?

NYIRANGORWA : Ngaho igendere wiliranwe amahoro.

BAHIMBAYANDI : Ndagiye aliko unkoreye ibyamfurambi. Urumva amagambo umbwiye
(ubwo uwo mugabo aragenda)

NYIRANGORWA (yivugisha) : Ngaho wilirweho buliya rero nimukeke ikindi kimuzanye yaraje ureba uko tumeze no kumva icyo tuvuga; aragenda agerekeho n'ibyo ntavuze.

BAHIMBAYANDI (ageze iwe) : Mbega ibyo kwa SEMAYOGA !

MUGORE WE : Byagenze bite ?

BAHIMBAYANDI : Reka n'ibicika, yaraye ashahuranye n'umugore, aliko aramuha pe.

MUGORE WE : Aliko se ameze ate.

BAHIMBAYANDI : Yewe inkuru mbalirano iratuba keretse uwabonye uko ameze.

ore uko byagenze nabonye atali ugukubita yamwishe.

UMUGORE WE : Wamenya yamukubitaga iki ?

BAHIMBAYANDI : Ngo bapfuye iki se, umva yambwiye ngo bapfuye ko ngo amwatse amafaranga yo kuvuza umwana.

UMUGORE WE : Ibyo gusa, umugabo we nawe n'igisumati ahita amukubita ?

BAHIMBAYANDI : Ni SEMAYOGA wawe, nawe iyo yagasomye ndamuzi ! Si kirara.

UMUGORE WE : Akagore kali kamaze kwiterura ntawe uvuga ngo kamwumve ye !
Kabishywe amukubise.

BAHIMBAYANDI : Reka hambar twigise guhura nikoreye mbona ntanyikiliye kandi tujya hamwe ndumirwa. Aliku n'umugabo n'uko, yabonye nje arayembayemba. Niba yagirango ntamuseka, niba aruko yumvaga afite isoni, yabonye sinamenya ahwanyuze.

UMUGORE WE : Ubwo yenda yaraye amuhoye ubusa.

NYIRANGORWA (asigara abwira abana be)

None urubwa rwo kuruyu musozi ntawe uza kurukira, ungubu Bahimbayandi uvuye aha, none inkuru yayikwije.

NGIZWENAYO : Yamaze, we iyo yarwanye n'umugore we ninde umuvuza.

NYIRANGORWA : Wakoze wowe utagiye ahagaragara ngo akubone, bilibazwa. None rero bana ndagiye SEMAYOGA ataragaruka ngo asange hano ndagiye kwicara iwacu dore aho nahereye ndore ko na so atanyumva.

NGIZWENAYO : Ubwo uragiye uransize, noneho nagaruka agasanga wagiye nukunyica. Avuga ati :
ko mutajyanye.

NYIRANGORWA : None se bana ubu mbigirente ?

ABANA (balira) : Ubuse ko udufatiye runini, noneho udusize he ? udusigiye nde ?

NYIRANGORWA : Ubu se iso, uramutse yibunza murabona azatugeza kuki ? icyaruta nuko namu-
bisa nkareba ko yakwibaza.

NGIZWENAYO : Ngaho genda amahoro.

NYIRANGORWA : Uzamenye abana, icyo bashaka, ugifite ukibahe wo kubababaza. Uzite kuli
Bamurange atazagira agahinda agahuhukirako. Ngaho muramuke.

ABANA (balira) : Ubwo koko uradusize mama

NYIRARUHARA : Jyewe nze twijyanire.

NYIRANGORWA (afite agahinda) Iso ataza kwica. Erega sukuba ahubwo ndagirango ndebe
ko SEMAYOGA ko hali icyo yakwibaza akabitaho ahali n'jye utuma ntacyo atekereza, kubyo
mu rugo. Niyo yavuze uli mwana gusa, nakumva nishimye. Ahanini nicyo kimbabaje.

NGIZWENAYO : Akacu karashobotse, ubuse dore yaraye anyishe none tulimalira iki ? Ko ntacyo
mbasha gukora ubuse tulirirwa twikubye, turare twikubye.

NYIRANGORWA : Mwhangane murebe nawe uko abigenza.

ABANA : Ngaho igendere, ugende uziko ntaho udusize (ahita agenda)

NGIZWENAYO : Nyiraruha, ese yagiye

NYIRARUHARA : Yagiye nyine, yagiye wowe utaraha

NGIZWENAYO : Ese kumbwira nabi kandi ulira niyewe umwirukanye, nuko jyewe mwanga se ?

UMUHOZA : Ngizwenayo we, pibilyo

NYIRARUHARA : Nanjye bajyaga babinsigira yabinyimye

UMUHOZA : Ngo akabura ntikaboneke ni nyina w'umuntu, ubu iyaba ahali simba mbibuze cyangwa nilirwa mpatswe.

NGIZWENAYO : Ubuse ndabima mbifite, mbikure he ? Uwajyaga abihora ntimuzi aho ali ?

NYIRARUHARA : Byihorere na Bamurange urwaye arabwilerwa noneho igifu kiranwica.

NGIZWENAYO : We ibye ndabishaka vuba

UMUHOZA : Noneho twe n'ukubitwima

NGIZWENAYO (alilimba) : Umuruho wo nturora ingano

1° Mama na papa mwimbaba (2)

Ndacyali muto. Intimba yose yambayemo

Amahoro yo yaranyihishe, amahirwa yambanye make, amalira araseseka.

2° Mbwira umuhoza, uwo ntanyumve.

Nyiraruha, agatulika akalira. Bamurange ntiyibashiliye

Ngizwenayo nararushye.

NYIRARUHARA : Ubwose ko tukubwira ukililimbira biragenda bite ?

NGIZWENAYO : Aho mwabakobwa mwe, ntawabandoze ubuse mbyibehe. Nimujye kubayaka so we wirukanye nyoko.

SEMAYOGA (amutuka) : Niko sha ! Ko nturutse hilya ilya numva ulirimba indilimbo z'amaganya wababajwe niki ? Nali napfa wa cyohe we, kabuli inka zikamwa mu gitondo puu.

NGIZWENAYO : Nushaka ukore uko ushatse kuko kuva wakwirukana mama, nta kubaho ngufitiye.

SEMAYOGA : Koko sha ! Yaba uwajyanaga yagusize ukora iki ?

NGIZWENAYO : Nanjye se najyagahe ? ko iwacu araha, none ukaba ushaka kumenesha, iyo ngira aho njya mbanagiye.

UMUHOZA : Kandi Ngizwena ushira ubwoba, ubwo uragumya kumucokoza n'agukubita urataka kandi ko zapfa ubusa.

NYIRARUHARA : Wamuretse, bamukubise siho yabyumba. Keretse niba nawe ashaka kudusiga, agasanga nyina.

UMUHOZA : Sukumusanga ubara amusanga se ni iwabo ! papa we yamwica cyangwa akamubwira ati : ntuzagaruke.

NGIZWENAYO : Nkagumayo, keretse banyirukanye.

BAMURANGE : Subwo nawe wadusiga

NGIZWENAYO : Iso ntahali

NYIRARUHARA : Ubwo se yatumalira iki ? sukudutuka gusa. Cyakora n'utazi ubwenge yabumenya.

NGIZWENAYO : Muceceke mbabwire, igituma tumenyako afite impuhwe, uyu muni sinkora habe no gucana mu nzu, turebe naza uko abigenza.

UMUHOZA : Naza akakubwira ati mulika habone, urabigenza ute ?

NGIZWENAYO : Mubwire nti : ntamuliro ulimo

UMUHOZA : Ati : Kubera iki ?

NGIZWENAYO : Ndamubwira ko nabuze inkwi zo gucana

NYIRARUHARA : Ubwo se ndaburara

BENE NYINA BOSE : Baraseka

BAMURANGE : Ubwo se ko museka jye ndajya kulyama mutacanye ngo note.

NGIZWENAYO : Yewe muranshekeje, ntakuje inama namwe ! Ni mureke mbabwire Nyiraruhara na gende akukumbi ibilimo abilye, Bamurange afate lya kote alyifubikire kuwo mupira, ahasi-gaye alyame ntambeho ari bwumve. Umuhaza nanjye, turahebera urwaje mwihangane turebe icyo yibaza.

NYIRARUHARA : Turebako yatekereza ko Nyirangorwa yari afite akamaro kanini

SEMAYOGA : Ngizwena nzanira umuliro ninkwere itabi.

NGIZWENAYO : Ntawulimo

SEMAYOGA (alirahira) : yampaye indekwe, uko mungana mutyo ! Ngo nta muliro ulimo

NYIRARUHARA : Uba waje kare ukatwasiliza

SEMAYOGA : Reka nitindiye sinabyitaho. Bamurange yiliwe ate ?

SEMAYOGA : Bamura urumva umeze ute ?

BAMURANGE : Ntako ndumva n'urundi rubavu rundya

SEMAYOGA : Mwana wanjye se uragirango mbigenze nte ! ko nyoko yananiye.

NYIRARUHARA : Papa siwowe wamwirukanye wamukubise hamwe na Ngizwenayo, natwe ukadutera sintili tukagwa hanze ubwo Bamurange ntiyumvaga.

BAMURANGE : Woshye udahali mama niwe wali kuzanjyana kwa muganga. Wibagiwe ko mwapfuye ko akubwiye ngo wilirwa, upfusha amafaranga ubusa. Yakwaka ayo kumvuzo ukavugaga ngo ntayo.

SEMAYOGA : Nuko bana ba, cyakora munyibukije amafuti yose nakoze. Ngaho nimushyire umutima hamwe muganire sinzongera.

ABANA : Baraseka

NYIRARUHARA : Cyakora ni murebe icyo muha Bamurange yarambye, narara utusa ntaramuka.

SEMAYOGA : Ntabwo mwaliye

UMUHOZA : Reka da turaburaye

SEMAYOGA : Yewe sha ihute unzanire urwagwa duheho Bamurange, ihute batararumara.

ABANA (baraseka) : Papa izina nilyo muntu koko umuntu urwaye mu gifu anywa inzoga zihye genda uradushekeje.

NGIZWENAYO : Ayo mafaranga 60 agura icupa ly'urwagwa wayafashe ukamujyana kwa muganga.

NYIRARUHARA : Papa bulya ibyo ukora byose bakurenganyaga hali unywa inzoga arwaye mu nda.

UMUHOZA : Ahubwo icyawe, wategeka, ubundi ugakoresha ahasigaye bakakureka ukinywera akayoga

NGIZWENAYO : Aliko mwaragashize, amagambo mumubwira alijye uyavuga yavuga ngo ndamututse

SEMAYOGA : Aliko mwabana mwe ayo magambo sayanyu, umenya hali uyaboshya.

UMUHOZA : Se papa ubwo ugirango Nyiraruhara umurusha ubwenge, ahubwo arabukurusha. Areba ibintu akabimenya ntawe ulimusobanuliye.

SEMAYOGA : Umwana w'inshakura ndamutinya

UMUHOZA : Uliya niwe mwana

SEMAYOGA : Ntabwana buraho

NYIRARUHARA : Ubwo se ko munyita inshakura nakwifata nte ? Kugirango ntaba yo, kandi nkubaha kurushaho.

SEMAYOGA : Ugomba kwilinda kumenya imico yanjye no guhangayikira ibitakugenewe. Ko ali wowe muto, wali wumva Ngizwenayo atinyuka kumbwira nka magambo umbwira.

NYIRARUHARA : Nuko agutinya

SEMAYOGA : Antinya kubera iki ? Siwe mukuru, ntakurusha ubwenge kuki wowe utantinya ?

NYIRARUHARA : Se papa, cyagihe Ngizwenayo na Nyirangorwa wabahoye iki ?

SEMAYOGA : Agasuzuguro kabo

BAMURANGE : Kuvuga ko urankunda nimwafuye ko bakubwiye ko ugomba kunjyana kwa muganga.

NGIZWENAYO : (araseka)

SEMAYOGA : Mwamenya baransuzuguye bate ?

NYIRARUHARA : Aho icyatumye ubakubita suko wali wasinze, kandi bakubwira ibyo udashaka.

SEMAYOGA : Urananiye wa mwana we ! amagambo uvuga urumva ufite mu mutwe hazima, ahubwo ni wowe nkwiliye kuvuza !

NYIRARUHARA : Nwarwaye wananiwe kuvuza, ngo uravuza jyewe utarwaye. Bamurange aho ubundi nti wamwangaga.

SEMAYOGA : Nigeze nanga lyali ?

NYIRARUHARA : Aho bakwingingiyiye kumuvuza ukanga. Wagirango uhimane na mama, ubuse ntiyiyicaliyiye iwabo, nababajwe nuko yansize.

UMUHOZA : Iyo mujyana, ceceka wigumya kumuvuza ubwo uziko umukeresha amacandwe.

NYIRARUHARA : Ubwo se ndamwegereye

NGIZWENAYO ; (amubwiranabi) Ziba senyine

SEMAYOGA : Se ko numva munkangalira umwana. Iyo avuze nyoko mwumva mubabaye.

ABANA : Turababaye nyine none se ubu tulishimye.

SEMAYOGA : Mwamusanze .

ABANA : Wadukundira se

SEMAYOGA : Nuko basha, ubwo bwose ntimunyitayeho

NYIRARUHARA : Ko mbona nawe utatwitayeho twabura gukunda uwadukundaga kukurusha

SEMAYOGA : Jyewe ntimunshaka ?

ABANA : Turagushaka aliko wowe ntudushaka

SEMAYOGA : Kubera iki ?

ABANA : Kuko utuvunisha imilimo yose kandi ntumenye icyo tubabaye, twarwara ntutuvuze, ukaba warirukanye mama.

SEMAYOGA : Muzajye kumuzana

ABANA : Ntiyadukundira ahubwo uzajye kumutuzanira wowe wamwirukanye.

SEMAYOGA : Ni muceceke, narambiwe amaganya yanyu ndazinduka nje kumubazanira.

ABANA : Yeee tulishimye ubwo koko ntutubeshya uzamuzana ?

SEMAYOGA : Ahubwo muzasigare k'urugo neza, kugirango nzasange ntacyononekaye.

ABANA : Tuzabikora byose, aliko nawe uzaze muzanye.

IGICE CYA 3

a) Umugabo ajya gucyura

SEMAYOGA : Murahoro yemwe

NYIRANGORWA : Yego muliho

SEMAYOGA (aseka) : Uraho Nyirango wakize ingorane zanjye

NYIRANGORWA : Baraho abana bose, ese ko wananutse ntuheruka akayoga.

SEMAYOGA : Wa mugore we, winshinga akayoga ngakuye he ?

NYIRANGORWA : Namahoro se; aliko ntamahoro yawe ubwo utakibona akayoga

SEMAYOGA : Ko nagusigaga nkajya kugashaka none nagenda ngasanga iki

NYIRANGORWA (aseka) : Yewe warahuye koko, noneho wumvise ko ufite akamaro.

SEMAYOGA : Wali ufite akamaro kanini ahubwo. Bulya se waligayaga.

NYIRANGORWA : Ahubwo nabonaga ali wowe ungaya none rero, wali uje kunjyana

SEMAYOGA : Yee

NYIRANGORWA : Reka mpamagare umusaza aze muvugane

NIYIBIZI : Uraho mwana wa

SEMAYOGA : Uraho musa n'amahoro

NIYIBIZI : Ubu rero muraho imuhira, n'abana baraho

SEMAYOGA : Turaho, n'abana ngo mutahe

NIYIBIZI : Ugira utya rero unkubitira umukobwa uramunyohereza; mwapfuye iki ?

SEMAYOGA : Leka da ! ntacyo twapfuye sinali nigeze namuvuga, ahubwo wa musaza we ibyubu biraruhije, natashye nkangara umwana, nuko undi aba aliwe unshyamba.

NYIRANGORWA : Have ceceka, wikwirirwa uta urulimi rwawe maze igihe nali maze nibutse kuza ejo bundi ubwo ntacyo twapfuye.

NIYIBIZI : Niko se mwana wa, ko yaje afite inguma izo nguma zali iziki ?

SEMAYOGA : Ubwo se musa ! niba yaraje agatamba mwavuga ngo naramukubise

NYIRANGORWA : Uranyica unyicana n'urubyaro none ngo naratembye koko

NIYIBIZI : Ntiwiyumvira ko wamukubitanye n'abana, ubwo se arakubeshyera. Ngaho nimumbwire icyo mwapfuye.

SEMAYOGA : Twapfuye iki ? Ko naje nisindiye akanshyogoza nkamukubita agashyi.

NYIRANGORWA : Agashyi niko kanteye izi mvune zose, kandema n'inguma aliko mwagiye mureka kubeshya. Dupfa ko nkubwiye kuvuza umwana, none ngo waje wisindiye ndagutuka.

NIYIBIZI : Ubwo koko abantu bashaje muracyapfa ubusa

NYIRANGORWA : Ubu nuko abona ntagira mama niyo mpamvu aje ngo mubihondahonde.

NIYIBIZI : Bana banjye, dore simbashize ngo nagera imuhira ntajya kubaza abana none ngaho genda usange urugo mudi azaza.

SEMAYOGA (arashimira) : Nuko musaza murakoze.

NYIRANGORWA : Genda njya he ?

NIYIBIZI : Ugenda ujya he ! usanga abana bawe !

NYIRANGORWA : Ise ntahali ntali kumwe nabo nabasange. Ubuse uwo nasize ali mwipfa yamuvuje icyo alinda kuvuga ubusa, siwe mwana dupfa, aliko ntaliho ntakubeshya, ngo nuko urumusaza utamurushya.

NIYIBIZI : Nibyo koko ra ?

SEMAYOGA (atapfuna indimi)

NIYIBIZI : Niba aruko waragowe mwana wa !

NYIRANGORWA : Naragowe se urabivuga urabizi, bizi jyewe n'umwana wanjye Ngizwenayo dukubirwa limwe kandi buli munsu.

NIYIBIZI (amutuka) : Niko Semayoga w'igisambo nahoze ngirango arakubeshyera none naho kubura icyo umbwira, ndabibonye umwana wanjye yararushye koko.

NYIRANGORWA : Nalihanganye, nanga kwahukana buli munsu ngo urugo rwacu rudasenyuka. Ndihangana, ndihonga none ndarambiwe ndaje nkwicare iruhande nundambirwa nawe uzanyirukane.

NIYIBIZI : Oya mwana wa, sinabimenye mbega abagabo bubu nuko basigaye bameze, yewe utubali twaje tuzalikora.

SEMAYOGA : Nimumbabalire sinzongera ~~kuk~~kumuvuga

NIYIBIZI : Ubundi wabitewe n'iki ?

SEMAYOGA : N'inzoga zigira ayazo, ntabwo nali nabiramutse

NYIRANGORWA : Nbabalira n'akali gasanzwe

NIYIBIZI : Ubwo wemeye kwisubiraho genda nzamwohereza

NYIRANGORWA : Unyohereza he ? njya gukora iki ? icyanzanye se kizaba cyagiye he ? Nagende sinzagaruka keretse niba yiyemeje kuvuza umwana, akareka kunywere mu kabali, akemera tugakora.

NIYIBIZI : Ibyo urabyemeye ?

SEMAYOGA : Ndabyemeye nzabikora

NYIRANGORWA : Wabyemera subiliza genda sinje sinzanaza vuba keretse n'umtumaho ko wavuye umwana.

SEMAYOGA : Murabeho musa

NIYIBIZI : Yego urabeho mwana wa

SEMAYOGA : Yego murabeho nimbona akanya nzagaruka.

(Nyirangorwa amuherekeje)

SEMAYOGA : S'ubwo koko ntuzaza

NYIRANGORWA : Mbwiza ukuli niba umwana waramuvuye

SEMAYOGA : Wasize hali amafaranga mfite

NYIRANGORWA : (amukangara) Ukaba umbwira ngo dutahe ? Nkaba naraje kwicara aha nzanywe n'iki ? Biturutse kuki ?

SEMAYOGA : We wa mugore we nuko naje iwanyi nicyo gituma ushaka kuntuka. Reka da ! utantukira imbere ya databukwe.

NYIRANGORWA : Nanga ko umbwira ubusa ukanyibutsa ibimbabaza byose.

SEMAYOGA : Uzihangane uze tumujyane kwa muganga

NYIRANGORWA : (amucyaha) Ntituzalinda kujyana, uzamujyane ntakurhije. Uzi igihe naguhereye nkubwira ngo tumujyane umwana kwa muganga ukananira none amaze kuba urupfu ngo ninze tumujyane. Uzamujyane yenda baguce amafaranga cyangwa bagufunge leta izantumeho nyuma aliko tudasoreranye twikoranye urupfu tuli abasilimu. Igendere nzagumya nkorere data, nawe ntiyagiraga umucanira munzu. Ngaho urabeho.

SEMAYOGA (agenda yivugisha) : Ubuse kandi mbigize nte ? Ndanse ndashenye koko. Bulya icyo umugore avuze kiba alicyo, ubuse ko umwana yanze akaba yandembanye, yenda sinamusanga ndumva mfite ubwoba ndabyifatamo nte. Yewe ngo ntawe unanira umushuka, ibi byose mbitewe na wa mugabo wambwiye ngo ninze tumujyane kwinywera ngo tureke abagore bikorere. Mbicyohe, ndemera aliko we ntiyabikora none ntiyiyubakiye naho urwanjye ntirusenyutse. Babivuze ukuli ngo ubwenge buza uburagi buhise. Uwamungarurira ilya none sinabisubira.

NYIRANGORWA (asigara yivugisha) : Ubuse napfa kugenda, yenda yalibajije arakora, ubuse ndagenda ? ataravuye uwo mwana noneho dushobokane. Oya reka mbendetse nzarebe ko agaruka. Aliko se ubu abana banjye ntibishwe n'agahinda, uwazapfa kugenda nkarora uko ibyo mu rugo byifashe.

(Semayoga ageze iwe)

SEMAYOGA : Mwiliwe basha

ABANA : Yego mwiliwe papa

NYIRARUHARA : Uvuye he papa wiliwe he ?

SEMAYOGA : Kubera iki sha

ABANA : Kuko tumugeze tukubona hafi

SEMAYOGA : Nali nagiye gusura nyoko

NYIRARUHARA : Arahohere se

ABANA : Ngo aza icyaha ?

SEMAYOGA : Simbizi aliko azaza

NGIZWENAYO : Ameze ate ? Arahohere nawa mu saza

SEMAYOGA : Yaha arwaye iki se sha ?

NGIZWENAYO : Imvune z'inkoni wamukubise

SEMAYOGA : Aliko se sha ! kuki uhora ushaka kunyulira uziko umuzugura bikabije !

- BAMURANGE : Nturakamubwira ko ndi mugupfa
- SEMAYOGA : Aliko wagakobwa we kuki wiheba kandi umfite, nkumva uhora ulilimba nyoko ubu se ko nyoko yagutaye.
- BAMURANGE ; Ubwo se ko namwakaga icyo nshaka akakima nabura guhangayika. Wowe se narakunaga naho uziye nkabona utanyitayeho.
- SEMAYOGA : Wamusanze, niba aruko yaguhaga icyo ushatse, ntiyakiguhaga mubyange
- NYIRARUHARA : Ubundi ko mutwinuba mwatubyalije iki ?
- SEMAYOGA : Nyiraruhara; wowe unyitetesha ubwo nakuvunira umuheto
- NYIRARUHARA (avugana ikiniga) : Uwazana ngo mama aze ngo wirorere.
- SEMAYOGA (amukangara) : Yagusigiye iki ? Pu ceceka hinga nigendere nkubise
- BAMURANGE : Yebaba ndapfuye noneho simbasha guhumeka
- NGIZWENAYO : Urumva umeze ute ?
- BAMURANGE : Ndumva gifashe inyama zose zo munda
- SEMAYOGA (avuga nabi) : Ihangane wilira, humura ntacyo uba.
- NGIZWENAYO : Ngaho ihangane weguke
- SEMAYOGA : Ngaho nimwicaze haliya mumwegere
- UMUHOZA : Iyumvire ngaho nimwumve namwe. Ubure kumwegera wowe cyangwa ngo umujyane kwa muganga, aliko uratubwira ngo nitube alitwe twumwegera.
- NYIRARUHARA : Ahubwo dore arayembayemba, buliya koko agiye hehe ?
- NGIZWENAYO : Erega n'ubundi ntadushaka ubonye niyo mama ahaba noneho ntanagaruka vuba
- NYIRARUHARA : Ese niba muruzi agiye mwamugaruye
- UMUHOZA : Ubu se agiye atamureba, buliya agiye atekereza iki ?
- NGIZWENAYO : Buliya data aranyobeye, nta mutima akigira kubona adusigana umwana yarembye !
ili ni ishyano.
- NYIRARUHARA : Uwajya guhamagara wa mucyecuru akaza kureba
- NGIZWENAYO : Wihamagaza rubanda bihorere ise we ko yamusize.
- UMUHOZA : Ahubwo uwaba umugabo yajya kuzana nyina
- NYIRARUHARA : Noneho abimenye yatwica, asanze uwagiye ataraza.
- NGIZWENAYO : Kandi abonye umwe mulitwe aje, nawe yataha
- UMUHOZA : Ngizwena uzagende wowe mukuru
- NGIZWENAYO : Wagize ngo nitera, ko arukugenda nonaha Semayoga atarahindukira
- NYIRARUHARA : Yewe Ngizwena nugenda uzamubwire amagambo yose uzi atubabaje
- UMUHOZA : Keretse uwamwandikira niho yakwandika amagambo yose ababaje.

NGIZWENAYO : Ese ayo magambo mwandika n'ayahe ? Nimushaka mwandike jyewe niyo mubonye numva agahinda kanyishe nkananirwa kugira icyo mubwira.

UMUHOZA : Tumwandikire nibyo byiza, byibura ahite aguha igisubizo mukili kumwe aliko ubanguke.

NGIZWENAYO : Zana urupapuro wandike vuba ngaho; Nyiraruhara niyegere Bamurange atikubita hasi.

UMUHOZA : Ngaho ni mumbwire amakuru mubwira.

NGIZWENAYO : Bazabaliya kuko jyewe tuba tuli kumwe

NYIRARUHARA : Andika uti utaha na Nyiraruhara

BAMURANGE : Nimubimvugire jyewe simbashiye

UMUHOZA : (Arandika ubwo aruha ngizwenayo arujyana)

NGIZWENAYO (Agezeyo) uraho mama

NYIRANGORWA (afite agahinda) : Uraho mwana wa iso abageze he ?

NGIZWENAYO : Ntaho aliko Bamurange aradupfanye, akira ibahasha umuhoza yakwandikiye.

NYIRANGORWA : (arafungura arayisoma)

Abana bawe ukunda cyane Nyiraruhara, Bamurange, Umuhiza. Kumubyeyi wacu dukunda Nyirangorwa Verediyana uraho n'amahoro, ayacu yo nayo uzi nawe siniliwe nyakugwira. Kandi aho ushidikanya ubaze Ngizwenayo. Ikiduteye ku kwandikira n'urukundo n'agahinda kenshi dufite turakwinginze kandi tukumenyesha ko ugomba kuza . Turakuramukije abana bawe twese twishimiye ko uza guha igisubizo Ngizwenayo. Ni twe bawe abana bawe.

(Arangije kuyisoma) Ese Ngizwenayo nicyo cyali cyikuzanye rero, genda ubasange nimuhumure nzaza vuba.

NGIZWENAYO : Nicyo cyali cyinzanye kuko twagutekerezaga tukananirwa kuvuga, nicyo cyatumye yandika ngo ntakubona ikiniga kikanabuzza kuvuga.

NYIRANGORWA : Dore nubu nuko mumeze mute mu rugo

NGIZWENAYO : Turaho aliko twabaye imfubyi tutalizo

NYIRANGORWA : Bamurange ameze ate ?

NGIZWENAYO : Reka ntiwamubona, ubu noneho yagize agahinda kawe agira n'indwara none n'urupfu rwo gupfa.

NYIRANGORWA : Semayoga racyali kwakundi, agenda mu ijoro agataha mulindi, ntiyivugisha ibyo kumuvuza.

NGIZWENAYO : Kereka umwe nalimwe.

NYIRANGORWA : Ubwo se bikazagenda bite ?

NGIZWENAYO : Uzemera uze, noneho dushyirike amenyo twikorere tuzamujyane kwa muganga, wowe urabona hali icyo ateze kutumalira.

NYIRANGORWA : Erega n'ubundi ntacyo dore ejo bundi yaje aha noneho ndamubwira nti itahire zinzaza niba utaravuza umwana, nkubonye ngirango niwe ukohereje. Ese yatinye kugaruka.

NGIZWENAYO : Mama semayoga nta mutima akigira umenya baramuroze

NYIRANGORWA : Ese mwana wa nawe ibyo urabyibaza nawe uko ungana utyo.

NGIZWENAYO : Se wagize ngo Semayoga ntiyantesheje umutwe ngatekereza nibyo ntazi.

NYIRANGORWA : Erega haliho ubwo nibaza nti kurubu Ngizwenayo yaragowe, undi mutima nti yenda ubwo atanduzi yaremeye afatanya n'abana.

NGIZWENAYO : Erega ntitwafatanyaga ko haliho ubwo yigeze gusiga Bamurange aturembanye akayembayemba mpita mbona ko ntamutima agira, niba ali ubwoba yali afite byaranyobeye. Sibwo mpise nza.

NYIRANGORWA : Sikulya hali icyo yibaza

NGIZWENAYO : Urabeho ndagiye adasanga ntaraza, akanyica.

Nyirangorwa : Ngaho genda sinshaka kubabaza nzemera nze dushinyike amenyo twikorere kandi abana ubatashye.

NGIZWENAYO : Mbabwire ko uzaza lyali ?

NYIRANGORWA : Sinzi umusni aliko nzaza vuba

(Ubwo Ngizwenayo arataha)

(Ngizwenayo ageze imuhira)

NGIZWENAYO (avuga buhoro) : Mwiliwe, ali hehe Semayoga ntaraza

NYIRARUHARA : Oya alihe mama ko mutazanye

UMUHOZA : Araho se

NGIZWENAYO : Araho ngo mutahe cyaneeee

Bose baraseka

BAMURANGE : Mwinsetsa ntabashije

NYIRARUHARA : Ngo azaza lyali ?

NGIZWENAYO : Ntiyambwiye umunsi, aliko ngo nivuba bitarenze icyi cyumweru

UMUHOZA : Ngaho dukore tumwitegure yenda azaza vuba ubwo yabikubwiye.

NYIRANGORWA yaje

NYIRANGORWA : Muraho yemwe

ABANA BOSE : (baraseka) Oyee we

NYIRARUHARA : Hobe mama

NYIRANGORWA (aseka) : Uraho cyane Ruhara we ! Uraho Bamura, umeze ute ? muraho n'amahoro

NYIRARUHARA : Nta mahoro yacu waradusize

NYIRANGORWA : Semayoga alihe ?

NGIZWENAYO : Uziko cyagihe naje ngasanga ataraza. Ntabwo yigeze amenya ko naje iwanyu

NYIRARUHARA : Ni muceceke yaje

SEMAYOGA (ubwo aba araje) : Mwiliwe sha

ABANA : Mwiliwe papa

NYIRANGORWA : Muraho

SEMAYOGA (aseka) : Muraho Verediyana we

NYIRANGORWA : Yego muraho n'amahoro

SEMAYOGA : N'amahoro sayo ureba, ubonye wizana

NYIRANGORWA (aseka) : Ese ko waje ntugaruke ? Ndizanye hali uwahara utwino

SEMAYOGA : Baraho n'abandi, cyagihe basigaye bavuga iki ?

Ko naje simbasure, bulya naje untesheje umutwe. Nuko ngwino ubundi wagiye nkwirukanye.

NYIRANGORWA : Ni wowe wabishatse niyewe se, waranyirukanaga unshakaho iki ?

(amuca imigani) Naliyanye none ndigaruye, unyice ukuli kuko ubonye ntaho nteze kujya.

SEMAYOGA : Nubundi ndabizi ntamugore usiga umugabo ngo agende yo kugaruka, keretse iyo abaonye undi. Ahubwo balizilika bakagera nahe ?

NYIRANGORWA : Ni byo koko ese urabeshye iyo ubona unkura iwacu ntacyo mbuze wamara kungeza iwanyu ngaho ibibi byose.

SEMAYOGA : Ahubwo abagore muli ibisambo ubwo nava iwacu nkajyahe ? Jye njya gukora iki ?

NYIRANGORWA : Natwe nicyo gituma twemera ibibi byose mudukorera.

SEMAYOGA : Erega abagore mugira agasuzuguro, nyabuneka ubwiruye we ! ashwiraho akarusho kandi koko ntawe uba akimuvuze. Imbwa ze ntizamulya.

NYIRANGORWA : Wowe se ! niziba alizawe. Izo mbwa yazibona mutazifataniye. Wowe ujya kumuvana iwabo utazishaka.

SEMAYOGA : Erega niba bajifataniye sikimwe. Umwana na nyina wabatandukanya, ahubwo reka nguhe akanya uganire n'abana bawe.

NYIRANGORWA : Uguye he ?

SEMAYOGA : Njyiye kureba agatabi nilirirwa

NYIRANGORWA : Bana ba ntawihaba abyaye, n'ubwo mudafite ubuzima nkubwabandi.

ABANA : Ntacyo bitwaye tuzakora uko dushoboye

NYIRANGORWA : Nemeye umuruho kuko ntashaka kubababaza ndaje twemere twikorere.

UMUHOZA : Nimuceceke uliya mucyecuru atumva amaze iminsi biliranwa.

NGIZWENAYO : Amaze iminsi akumbaza, nkibaza impamvu.

NYIRANGORWA : Erega nimuceceke nguwo yaje.
(Uwo mucyecuru aba ageze aho)

RUSHENYI : Muraho yemwe n'amahoro murakomeye

NYIRANGORWA : Turaho mu birwara kandi muzuba lyacanye.

RUSHENYI : Kagahungu kawe kamaze kuba agasore wa, iminsi n'imitindi nawe urashaje, ntagakuru ke ipfiliya uheruka.

NYIRANGORWA : Siho maze iminsi mba

RUSHENYI : Nkabibona, Semayoga amaze iminsi yibanira n'abakobwa

NYIRANGORWA (arahigima) : Mwihorere mama we.

RUSHENYI (arasezera baramuherekeza)
Rushenyi ahulira munzira na Semayoga

RUSHENYI bararamukanya na Semayoga

SEMAYOGA : N'amahoro

RUSHENYI : Mbega umugore wa, nikulya ameze ! nigica cya micaca

SEMAYOGA : Yabigenje ate ? Aho ntiyagusuzuguye

RUSHENYI : Reka mama, niyo yansuzugura ntacyo ahubwo arakuwuma.

SEMAYOGA (arakabuka) : Koko se, bimwire neza, nako ubwo walivuze ngaho urabeho.

RUSHENYI : Uramenye nturwane

SEMAYOGA : Ceceka, ntize kugerayo ngo wumve akanjye nawe.

SEMAYOGA ubwo aba ageze imuhira

ABANA : Papa kuje ufite umujinya ubaye ute ?

SEMAYOGA : Nyoko alihe ? mubwire asohoke vuba ambwire amagambo numvise
(arakaye)

NYIRANGORWA : Ibyavuzwe liratahye ! arabinkoze nyirashyano. Ayo magambo avuzwe ni bwoko ki se kandi ?

SEMAYOGA : Nimusohohe mbavunire umuheto

NYIRANGORWA : Mbere ubundi najyagahe, nirwo nalindiliye.

SEMAYOGA (atukana) : Ntimugasubiremo vuba ntarabavunira umuheto, ubwo arakusingira.
(bararwana) ntimuremera kuyavuga.

IKINAMICO

NYAKAMWE NI INYAMA Y'IBISIGA

A. BAZIRUGUYE (wenyine) : Bulya rubanda baziruguye koko; so ntakwanga akwita nabi ahari yari azi ko nzamera ntya; aliko uko umugabo aguye siko ameneka, ne kugera kure ziko gupfa.

Kubona ntawe ukimvugisha ! Ngo muko umusore wanjye yigize ikirara, maze agahunga icyaro ?

Alike rero baribeshya, ngo uragije igihugu, si nkuragije igihuru. Ubwo abategetsu b'isi yose, bahariye umwaka w'1985, nge ube uwo urubiruko, twiyumvishe ko isi yejo aribo ishinjwe, bagamba guhuliza ingufu zabo hamwe, barushaho no gukunda umulimo; kuko aribyo bizatuma isi itera imbere ikaba nka paradizo. Kandi bagahera bakunda amahoro bakabyiruka banga amacakubili n'umwiryane, bakiyumvisha ko batahiliza umugosi umwe, bagaturana neza nk'abamalayika.

Wenda ubwo byahagurukiye n'abategetsu, umwana wanjye aziyumvisha uwo muhanano, maze agaruke ahine umugongo, anansubize icyubahire nahoranye, simpore ndi nyakamwe muri byose, ngo ndwarire mu nsu, mperete; ngo mbure nugeza ku kazuba cyangwa se wenda kwa muganga.

Yewe, nihahandi hanjye, nze nje kuvumba kwa BAHUFITE, yubakishije, aliko abakozi be simbakira !

B. MUKASINE, NYIRAMANZI, BAHUFITE, na BAZIRUGUYE

NYIRAMANZI : Dore Mukasi;;; Baziruguye uriya, ko ndeba ahuruye nk'ururumanza akurura urukote n'ikibando, ko atakirwambaye arajya hehe ?

MUKASINE : Buliya agiye kwa Bahufite; arajyaye se mama hariye bamuha ! Rubanda ntibabira n'isoni, nabandeba ndinyakamwe, nta mwana nohereje ngo ajye gufatanya n'abandi, nketeta ngo ngiye gutega ingohi ?

NYIRAMANZI : Yewe, ntazi ko umwanya wo kurya imitsi y'abandi ko washije ! Mbese buriya bamukubitiyeyo yatabarwa nande ? Ko bari kumutinyira umuhungu we, none akaba yaramweretse igihandure !

MUKASINE : Niyiruke ! Aharaho bamutinye ntazi ko nyakamwe ko ari inyama y'ibisiga ? Ni umugabo umwe akagerwa kuli nyina, nkanjye ubu ngiyeyo nta cyaha, noherejeye MUVUNANDINDA, ngo agende afatanye n'abandi, niyo haba ari nta

nzoga, ntibyamubuza kujyaye; kuko hariye abandi basore, basanzwe bafatanyiliza hamwe muri za Koperative zabo.

NYIRAMANZI : Yewe ! uvuze gufatanya, mumva mbaye nkwa mutwa, ati : nkunda abaporose ko bavuga bakagusha ku ndiga, yewe gufatanya bifite akamaro koko !
Nanjye uwansubiza ubusore najya mu mashyirahamwe y'urubyiruko.
Uzi ibyo ba basore bacu bamaze kugeraho ? Barahinze imboga za kizungu
Nta muntu wa hariya iwacu, wagize ikibazo cy'imboga, igihe izuba ryacanaga
Uwaka ushije. Ibishu n'izindi mboga za Kizungu zaraturengeye.

MUKASINE : Ubwo se mubona amafranga ya buli munsu ye kugura izo mboga ?

NYIRAMANZI : Reka dasa ! ubu abo basore bacu, ngo biyemeje kujya bagulisha zimwe izindi bagasagulira iwabo, ngo kuko kugirango umuntu akore ni uko agomba kuba yariye.

MUKASINE : Ehehe, ino ibyo byo guhingira hamwe ntibirahagera ! Koperative zihari z'urubyiruko niz'ubworozi bw'amatungo magufi. Ubu abasore bacu baboneyeho n'urugero, dore ziliya nzu nizi inkwavu, inkoko, intama n'ihwe, ubu ntawe ukijya mu isoko kugurayo inyama; najye ubu nariye inkwavu n'intama.

NYIRAMANZI : Egakwana w'abazigaba ! Ngo waliye urukwavu n'intama !!! None wazabyara umwana ufite udutwi n'amaso nkayo urukwavu; uhoboboba ibimwira nkibyo intama, yewe murahejeje koko !!

MUKASINE : Yewe nabanije kubyanga, maze umusore wanjye ambwira ko ari inyama nk'izindi ko uziriye adahumana, ndetse ambwira ko icyatumye bashinga iyo koperative; aruko in'aha, ikibazo cy'inyama cyari gihambaye, wajyaga mu isoko kuzigura, ukaba watahana imvune kubera umunigano. Wanzibona waba washakaga ibire bibili, ugatahana kimwe. Nubwo twabirwanyije bwose ubu twabonye akamaro kabyo, kuko bibateje imbere. Yewe uwanga amashyirahamwe y'urubyiruko; ntakarubone. Hakiza kubyara, nkabuliya se Baziruguye arabizi ?

NYIRAMANZI : Abibwiwe ni iki, uwabimubwiye siwa musore we wigize ikirara agahunga icyare. Uzi n'ikindi; ubu banashize hamwe, bagahuliza amafranga kuli umwe, mu kundi undi, none ubu byatumye biyubakira inzu zabo nziza. Njye uwanjye yabaye aretse kubaka iye, yabanje kunyubakira; ubu rya vundi narivuyemo. Ubwo se urumva amajyambere adatangiye ! kandi tuyakesha ubwo bufatanye bw'urubyiruko.

- MUKASINE : Erega n'ubundi amajyambere agomba kuzanwa nabo, sibe bagifite amaboko atarazamo rubagimpande nk'ayacu, nibatayakoresha se bakili bato bazayakoresha bamaze gusaza, nibatizamura se, bazatega ko Imana ikora ibitangaza ?
- NYIRAMANZI : Ese ugirango hari amajyambere arenze kuba babona ibyo barya, bakabona amafuranga, batagiye kurara butumba mu Bugesera guhingiliza amafuranga, ubu bakaba bayabona bibereye iwabo.
- MUKASINE : Uzi n'ikindi ! Ubu ngo umusore utambaye neza, ntabe yahalitse iwabo, ntabe ari muri Koperative, abakobwa ntibamureba, ngo yavutse amatara ataka !!
- NYIRAMANZI : Ningombwa ! Yakwemera kuza gufata ubusa, ndetse nka mwene baziruguye ntawe yazibonera, ni uko nyine azajya akomeza agakoyora izo ndaya, bamuje umugamba wo guhunga icyaro. Ariko nabonye na bamwe bariyumvishije ko mu mujyi ntacyo hazabamaliza bakaba baraje mu cyaro; bakiyemeza guhinga.
- MUKASINE : Uzi n'ikindi, ubu abo basore bacu ngo bafite amafuranga ni ikivu, bizi mwene MBARUSHIMANA uyabika.
- NYIRAMANZI : Ayo mafuranga yose angana atyo bakayabitsa umuntu umwe ? Amayeli ko ari menshi yaziyibisha, ntiyaba abahombeje, ndetse na Koperative yabo igasenyuka ?
- MUKASINE : Yewe ni umusore w'umurava ntiyabigira, ntiyabigira. Kandi ubu ngo hari n'itegeko ryasohotse rihana ryihanukiliye, abarigisa umutungo wa za Koperative. Naho guseniyuka, ntibayisenya. None se wakwibwa inkya iyo usigaranye ukayigulisha ngo batayiba ? Ahubwo uba ubonye isomo; utaribwa ntarinda. Kandi rero bayabitsa he ko numva ngo amabanki aba i Kigali ?
- NYIRAMANZI : Yooo ! Ubahe ? Ntuzi ko kuli Komine hariyo banki y'abaturage babitsamo, kandi niyo bayibye, igombe iyo banki iyakurihe, igasigara y'akurikiye uwayibye.
- MUKASINE : Yewe uziko ko gufatanya kwa baliya basore ko kwagize icyo kugabanya ! Uzi ukuntu bilirwaga bakina amakarata ijoro rikagwa, iyo batumva inama z'abategetsi baba barabaye nka mwene Bazira uguye, haramaje abandi bashoka imishike n'ibishanga, we agashoka mu mugsi akaba yarahazeyo, se akaba yarabaye NYIRAGAKERI, umwe ukerereza abagenzi, akayagira uhise wese.

- NYIRAMANZI :** Yewe uvuze ukuri, uzi intambara yabo bari mu urusimbi no gufata abakobwa none kubera guhora bakorerera hamwe, ntibakibona umwanya wo kujya gukora ayo marorerwa. Kandi bumvise ko ibyo bihungabanya umutekano w'igihugu, na biriya bikorwa barabikesha amahori; ntacyo bageraho bafite umwiryane.
- MUKASINE :** Yewe, nibakomeza ubwitonzi bafite, u Rwanda ruzatera imbere ! kuko ufite amahoro abiba amahore. Urubyiruko rwose rw'isi nirukora rwanga umwiryane, ndetse nabo mu bindi bihugu mwumva ngo byateye imbere, bakabyiruka banga intambara, na za ntware za kilimbuzi ibihugu bicura, urwo rubyiruko ruza-bihagalika; kuko aribo bazaba bashinzwe isi yejo.
- NYIRAMANZI :** Ndumva isi yamera nka paradizo ! Kuko ibyatangwaga muri aho nganda sicura intwari, babishora mu nganda no mu mishinga yindi ya kijyambere. Maze kubera ubufatanye n'amahoro baba bafitanye, baturanye neza, batangana rwose. Basaranganya neza umutungo batunze, bilinda amatiku, ndahamya ko n'isi nishira, batakulikije ibyo navuze, ntawazajya mu muriro muribo; Imana yaza-bagorerera.
- MUKASINE :** Ariko se, kuvuga ko ari ugutaruka, ko numva twatwawe nibyo bikorwa byabo basore bacu, nka BAZIRUGUYE, we se buriya ari mu kahe, kwitwa ku isina ngo yarabyaye, akaba yirya akimara.
- NYIRAMANZI :** Wahora ni iki ko buliya yarigushije, uzi kunambira umwana yakura ntazakwitwira. Uzi ko nnyewe uriya musore yanyibagiye urupfu rwa se, ubu abafite abagabo ntacyo bandusha. Ko uzi ko se yasize ari bato, nkemera nkabacira inshuro rubanda banseka, none ntwareba se ko ari abasore. Ntacyo nkiganya mu rugo; abafite abagabo sibo basigaye baza kunshaho inshuro.
- MUKASINE :** Yewe, akabi ni ukuruhira ubusa ! Uzi ukuntu Baziruye yaruhanye umuhungu we Nyina amaze gupfa, agahinga amuhetse, abandi bagabo bamuseka ! None nkaho amaliye gukura atakwitwira se iyo neza, ahubwo amuhaye amenyo y'abasetsi. Yewe nkuliya iyo ajya gupfana na nyina, namone ntacyo amuvuye !
- NYIRAMANZI :** Nturebe se nyine ko yateteraje se, akaba ashajishijwe n'imilimo, kubera kubura uwo bafatanye, arirya akimara, aliko ntabuze kuba asigaye inyuma mu majyambere ! Kubera kubura umwana yiyambaza.
- MUKASINE :** Yewe nicyari kumuzamura ni inka yari afite none yazimaliye mu bapfumu, ngo araguliza umuhungu we, yarikoreye ibinono ngo araterekera abazimu b'agasi ! Ahari mu isoko niwe ubifata byose. Reka kandi bariya bagore baturanye yarabikomeye, ngo hari abanyamahembe bamubwiye ko aribo baroze umuhungu we akaba yarabaye ikirara.
- NYIRAMANZI :** Ehehehe, naho byageze, nakomeze yimareho utwe yiteranya na rubanda ngo yararogewe. Siwe buriya wamureze bajeyi ! Ntamuhe uburere ngo ajye akangara ishyano; ntiyari azi ko umwana apfa mw'iterura.

MUKASINE : Vuga gahoro, ndabona yahagaze yumva ibyo tuvuga.

BAZIRUGUYE : Mwiliwe mwa bagore mwe, numvuga numva.

MUKASINE : Uvuzwe nande wa gisaza we ? Ko iyanduranya ryawe ari icyago, niyo twaba tukuvuga watugira ute ? Hamagara Bazibaza umuhungu wawe aze aturase ! Sinumva ngo aba mu mujyi wenda ni umusilikare (amukwena).

BAZIRUGUYE : Nimwivugire, akariho karayagwa ! Simwe mana yangize gutya ! Ariko mujye mumenya ko iyakaremeye ariyo ikamena.

MUKASINE : Kizi ubizi, ubwo uriburanya ukitsinda, hutera jya iyujya !

C. BAZIRUGUYE kwa BAHUFITE (Baziruguye, Bahufite, Abahinzi ba Bahufite, Mbarushimana)

BAZIRUGUYE : Mwiliwe yemwe kwa Bahufite !

BAHUFITE : Wiliwe nawe ! Komezaga nta muhezo dore icara kuli iriya ntebe, niyo yari isigaye maze banakubanze kuli uru rwagwa.

BAZIRUGUYE : Murakoze. Kandi ga bano bana bakoze, abasore aba ari abasore; ubu nkutwe twahakora ukwezi.

BAHUFITE : Ntimwumva igitera inkware ikirungulira, ubonye tukubashye none utangiye kuryongora urabashima se umwe urimo ninde, badakora se ntuzi ko aribo bafite imbaraga, wagirango ni nkuwawe wahunze imilimo y'amaboko akajya kuwuteka mu mujyi.

ABAHINZI : Uvuze ukuri, uvuze ukuri (baha amashyi Bahufite bamushima)

BAHUFITE : Twumvikane, ubu ibyishimo mfite ndumva bishaka gutuma nguruka, kuko munkoreye umulimo ntari gukora nnyenyine; uyu muco wo gufatanya muzawukomeze, nkuko twabirazwe n'ababyeyi bacu bo baciye uyu mugani, bati nta mugabo umwe agerwa kuli nyina, na nyakamwe ni inyama y'ibisiga, kandi rero ndabona mwarabitangiye ubwo mwashinze ziliya za Koperative, tukaba tutakijya guhaha ibintu bimwe na bimwe i GITARAMA, ndahamya ko ari intangiliro y'amajyambere y'igihugu n'isi yose; kandi rero gufatanya ni byiza, mureba nk'umuganda ko watuzaniye byinshi kandi ahanini urubwiruko nimwe mwabigizemo uruhare. Ndabashimira na kiliya gikorwa mwatangiye, cyo kwigisha abandi basore batageze mu mashuli, kuko gusoma no kwandika ari bimwe mu bituma amajyambere asakara vuba, ikindi kandi kingenzi muri byose ni amahoro, kuko ahari amahane ntacyo bunguka, kabone niyo mwakora nk'imashini, ubu twanabashimaga kuko mwaretse rwa rusimbi, ubu mukaba musigaye mwikorera mukorerera n'ababyeyi mujye mwubaha kandi abategetsu n'abandi babaruta nabo muruta, kuko mushinzwe kuzavugurura iyi si ikarushaho kuba nziza no kunga ubumwe. Mugomba kubitangira ubu rero, maze mukazaba ibikwerere yuje ubu-hembezi.

Kuko igiti kigororwa kikili kibisi (abahari bose bamuhe amashyi).

MBARUSHIMANA: Mwiliwe kwa Bahufite !

BAHUFITE : Wiliwe nawe, kaze mboga zizanye. Ariko wavutse mu nzara usanze twagucuze.

MBARUSHIMANA: Ubwo mwancuze nibwo nkomera, cyakora sinjye najye, nabanje kujya kugabulira amatungo ya babana, kuko Munyandinda yari yaje hano kandi ariwe wari utahiwe kuyagabulira, sinari kurorera ngo ngurane ayo matungo inzoga, kandi yari yaje kunshungura ku mulimo wa hano.

BAHUFITE : Ibyo birasanzwe, na kera kose umubyeyi yacungurwaga n'umwana w'umuhungu, nubwo ubuhake ubu butakiliho, yagucungura ku mulimo ukomeye, intege zawe ntiziba zarashiliye muze.

MBARUSHIMANA: Yewe uvuze ukuri, baducungura ku milimo ikomeye koko, uzi ukuntu bafatanyije baguzanya bagacukura imingoti, twari kuzayivamo, ntitwari kuzayisaziramo kandi rero ngo ibyaye ibimasa ngo yicungura amarago, nibakomeze umurego; bateze igihugu imbere, nubundi u Rwanda niyi si bizazamurwa n'amaboko y'abana barwo, cyane aba bakili bato, nibahuliza ingufu zabo hamwe bilinda amacakubili.

BAHUFITE : Ariko se ubu bagize amatungo angana iki ?

MBARUSHIMANA: Wabara ra ! Ko nabonye ari ubushyo wagirango namwe yo mu Rubilizi, ubu kandi ntibakiruhuka, ngo baritegura irusha, wa ry'amashyirahamwe riteganyijwe muri uyu mwaka.

BAHUFITE : Yewe ni ngombwa, ushaka inka aryama nkazo, ubwo bashishikariye gukora, baza-tsinda, kandi rero, ubwo bafatanyaga bazagera kuli byinshi, ntujya ubona TRAFIPRO amangazine yayo, yo ntiyatangiye nkuko.

MBARUSHIMANA: Nibakomereze aho tugomba no kubashyigikira, uyu mwaka isi yose yabahaliye ukazabasigira ibikorwa bigaragara.

BAHUFITE : Yampaye inka Sendashonga ! n'urubyiruko rwabonye umwaka warwo nkumwe w'abagore, nangwa uwo abana, bawuteguye ryari ra !

MBARUSHIMANA: Ngo byemejwe n'umulyango w'abibumbye; ngo inama yateranye muri mirongo irindwi n'icyenda, ngo yemeje ko uwa mirongo inani n'itanu ko uzaharirwa urubyiruko rw'isi yose, ngo rukiyumvisha ko isi yejo ko arirwo ishinzwe. Ndatse ngo hagenwe n'intego zizakulikizwa ngo bizazihereho biwutegura.

BAHUFITE : Naho byageze, bya bintu birakomeye, n'umulyango w'abibumbye wamenye ikibazo cy'urubyiruko, izo ntego ni izihe ngo tuzazibashyigikiremo natwe ra ?

MBARUSHIMANA: Wagirango bajya kuzigena ngo babanje kuza mu Rwanda, kureba ibyiza twagejejweho na M.R.N.D.

BAHUFITE : Ni ubumwe, amahoro n'amajyambere !

MBARUSHIMANA: Ntukanyagwe ! nizo ngo ni ugufatanya, bagakora bizamura bazamura n'igihugu cyabo. Ngo ni ukwihatira kugera ku majyambere bahereye ku giti cyabo n'akarere kabo bitye igihugu balimo niyi si dutuye bigatera imbere nyabyo. Ngo ni ukwiyumwisha ko amajyambere ko ariye nkingi yiby byose mvuze, kandi ga ngo n'ubundi ufite amahoro abiba amahore, ngizo izo ntego.

BAHUFITE : Yewe, noneho abacu bo bazitangiye kera, ahubwo usanze aribyo nabwiraga aba basore, natwe tuzabibashyigikiramo, bo kuzasebesha selire yacu, maze nzarebe ko mwene Baziruguye ko hari icyo azabarusha, aho ntazibuka ibite-reko yarasheshe; kandi ga twahugiye mubyabo bana sinaguha intebe mubwo inzoga ishize ariko sinabura na gake ngo utsilike inyota.

MBARUSHIMANA: Iyo umuntu avuga ibishimishije, ntiyitaho kwicara, nta n'iyota agira !

BAHUFITE : Ariko se uricara hehe ko ndeba intebe zashize ? Asyisyisyisi, Bazirugu haguruka Mbarushimana yicare, nubwo mutanganya imyaka ari muto kuli wowe tugomba kumwubahira ko afite abana, nase yamwise neza; ntiwumva niryo zina; dore afite n'umwana yohereje hano, gufatanya n'abandi, n'ejo bundi azatweruka ibiroli byuwe, aduhe natwe intebe, ntuzi ko akebo kajya iwamugarura, nkawe se uricara ngo nzaza yimpe; aribyo ukopfoye naguteza abasore banjye bakagushoka rero ngo ufite Bazibaza shenge, yibaza yibaza iki, ubuze gusazira ku milimo yose, haguruka vuba sinzogere kukubona hano jya uguma iwawe, Nyakamwe ni inyama y'ibisiga.

BAZIRUGUYE : Ahigime, ngaho mwilirwe, mbisa nigendaze.

BAHUFITE : Kagende mujyo, kilirwe ubusa

BAZIRUGUYE : Ubwo urata urulimi rwawe, ubundi ndabuzwa n'iki kuburara, nakwiyambaza nde ?

E. BAZIRUGUYE mu nzira ataha (Kakuze n'abana)

KAKUZE : Yewe bana, nimubise kiliya gisimba ntimwagikira !

ABANA : Wiliwe wa gisimba we !

BAZIRUGUYE : Ngo gwiki sha, nze njye kubarega kuli nyoko; niko Kaku, baliya bana bawe wagiye ubahana ntibahangare gutuka umuntu mukuru batangana, ubaruta.

KAKUZE : Ngo ngwiki ? Bazirugu, erega iyahumye yonyine ni icyago, abana banjye bakugize bate ?

BAZIRUGUYE: Erega si byiza, kuko bazabukurana ntibajye bagira uwo bubaha.

KAKUZE : Ubwo se urambwira ko nta burere bahawe, wowe wabutanze ubuze kuba usaziye ku milimo yose, ukazapfa ukanukira mu nzu !

BAZIRUGUYE : Ubwobwo wimbwira utyo, ntacyo wali wamenya ntuzi ko uzatuma cyangwa utazatuma. Kandi ngo ntanurata abana impyisi zihuma.

KAKUZE : Genda rero uranshuka; kereka nubaroga.

BAZIRUGUYE : (Atahe yototomba inzira yose) Mana yanjye wantabaye sinkomeze kwandavura ku isi umwana wanjye yarandiye, n'abaturanyi bose baranciye. Yewe kubura uwo mufatanya ni ibyago, ndirya nkimara ngo nkunde mpaze iki cyago cy'inda; ariko simbuze kuba nsigaye inyuma, abandi barafatanya n'urubyaro rwabo, bagahinga ngo hatu izuba ritazongera gucana cyane ntabyate by'imyumbati bafite. Dore n'abajura ntibagituma ngoheka, ngirente, niyambaze nde ko ndi nyakamwe; kubona ntaka nteweee nkabura uwavuga ngo komera, ibyo byose mbitewe n'umukenya w'umwana, akabi ni ukubyara ukarutwa nutarigeze abyara, nari nishimye nti ubwo ari agahungu nti azanshajisha neza, none aruswe n'inda yavuyemo, niyo apfana na nyina mba narabibagiwe, ntakibuka isura yabo. Kubona umutima wanjye usigaye uterera mu gahanga, abandi uterera mu gituzo, aliko icyanyereka umwana wanjye nibuze nkipfira, imyaka ine ishize yose ! Yewe n'ihahandi hanjye iri joro ntirinsiga, ngombe niyahure nta kabuza, nta mwana ndiza, uwo narijije niwe unteye kuba nakwiyahura. Ndi nyamupfa ntibarire, nazuka ntibaseke, ndiyahura rubanda bashyizweye.

IGICE CYA KABILI (BAZIBAZA AGARUKA KWA SE)

A. Bazibaza, Benengango mu muji

BAZIBAZA : Murabizi ba sha ngiye muli Komine, kureba uko hifashe, umuji urandambiwe, kandi wenda nzahameyo, guhora mpigwa nk'inyamaswa, rero izubu zo ziralinzwe. Hejuru y'ingeso dushobora kureka, mbese shahu akacu kashobotse, mwaje tukishubilira mu cyaro.

BENENGANGO : Ngaho genda ariko uzagaruke, dore ni wowe wabashaga guterura gatarina. Rwose ntuzahemukire umuji, kuko aho gusiga umuji, twasiga umwana, nibashaka bazawudutsindemo, aribyo twebwe tugiye muli Kazaroho kuyaga na Bashiki bacu (indaya).

Bazibaza : Erega shahu sinjye nanjye, ngiye kureba data ko akiliho, kandi rero dore n'abategetsu, baratubwira ngo dufatanye turi mu cyaro, niho tuzagera ku majyambere nyayo, ngo naho mu muji tubuza abandi amahoro, twilira ibyo baruhiye.

BENENGANGO : Erega si umutima/ l'homme agaruye, umenya yabonekewe ! ko twaherukaga ariwe watugiraga inama zaho twakoraga nijoro, none wagirango yabaye Bourgmestre, reka aravuga nk'umurokore.

BAZIBAZA : Erega burya baba bavuga ibiliho, iyi si n'iki gihugu ntishobora kujya mbere igihe dukomeje kwiba no kwica, kandi n'Imana yarabibujije abantu, n'imbere yayo twazabiryoze.

BENENGANGO : Ariko sha, ntaho wanyweye kanyanga y'imbandure, cyangwa wasaze tukujiyane i Ndera ?

BAZIBAZA : Nyamara n'umusazi arasara akagwa ku ijambo, naho kubonekerwa buli wese arabonekerwa ubu ngiye mu cyaro ngahinga, nkagira umutima mwiza, ubwe nabwo naba mbonekewe, kandi rero ubwo abategetsu babihagurukiye, namwe muzabyiyumvisha; ariko rero simbashavuze nzagaruka vuba, aribyo nzaza maze kuneka aho tuzakora mu cyaro, dore no mu mujiyi batumerera nabi, nti-mwabonye bakuru bacu biciye mu Muhima.

BENENGANGO : Ahubwo rero, ubwo uvuze utyo, aribyo dore n'impamba y'ibihumbi bibili, ntiha giye mu gutereta ? Ariko se sha, ko mu Rutobwe ari kure, uragezwayo n'iki ko bwije ? Uzarebe kandi ingo z'abacuruzi baho, mbona ino hari benshi bakaomokayo; wenda ubwo ari mu cyaro nta bazamu bagira n'inzugi z'ibyuma bakingisha, ni ugutera gatarina rimwe ukaba ugeze muri chambre à coucher.

BAZIBAZA : Nimumpagarikire iriya modoka, ndabona ri iyo iwacu.

BENENGANGO : (Barayihagalika) yinjiramo; ngaho urabeho wenda ntituzongera kubonana, bucya bwitwa ejo.

B. BAZIBAZA NA SHOFELI MU MODOKA ATAHA

SHOFELI : Niko se sha, ugiye guteza rokali hehe ? Kugiye uri umwe urabishobora ?

BAZIBAZA : Reka da, ngiye ku ivuko gusura data.

SHOFELI : icyaro uzagishoboza iki ra ? Wumvishe ikinamico ya Ruteruzi none nawe uramwiganye uratashye, cyangwa wakulikije inama z'abategetsu, babahaliye uyu mwaka, ngo mwumve ko isi izazamurwa namwe, mu bikorwa biciye mu nzira nziza.

BAZIBAZA : Mbese ugirango ba Ruteruzi na ba Bashiki babo bazacika mu mujiyi ? Hataha umwe hakinjira batamu. Naho izo nama ni nziza, ariko biradukomereye gushobora kuba mu cyaro, kuko hari byinshi bitumaniza kukibamo.

SHOFELI : Ariko se ni kuki abategetsu babahagurukira, mukanga mukawisihingamo.

BAZIBAZA : Impamvu ni uko dushyigikiwe, nubwo abategetsu babirwanya, ariko hari abadushyigikiye, nguhe urugero : umucuruzi aranguye ibintu byinshi akuzuza iduka, ntabone umuguzi numwe, yahomba agataha.

SHOFELI : Ariko se sha ababashyigikiye ni bande babashyigikiye bate ?

BAZIBAZA : Abadushyigikiye ba mbere ni abaducumbikiye mu bipangu byabo, abandi ni nka bashobuja utigijije nkana, ko ntawundi turi kumwe uzabivuga, ntujya ubona tuzaniye ibintu shobuja mu ma saa cyenda y'ijoro, hari aho tuba twabiranguye se, sibye tuba twibye. N'ibindi byoroheje turabimubitsa, kuko ntawatinyuka kuza kumusaka mu nzu, kuko ntawabimukekaho. Ikindi kandi baduteramo inkunga; nko hambere aha shobuja twajyanye ku mugina wa jenda, duteza itabi umucuruzi waho, birya bitenge n'amasaha niho twabikuye; shobuja siwe waje abipakiye n'imodoka tukabizana i Kigali. Kandi rero abacuruzi ubona dukunda kwishyamamaza imbere yabo, niba batugezaho urumogi, barushyira mu dufuka duto, maze bagashyira hagati mu bishyimo mu mifuka minini. Abajedi cyangwa abandi bakeneye kugenzura ntibabikeke, bakabona ko ari ibishyimbo.

SHOFELI : Kuki se mutabavamo ngo nibabakubita ngo mubavuge ?

BAZIBAZA : Ntibishoboka, uremera ukaba wapfa, ariko ugakomeza iryo banga, kuko umuvuze uba wihombeje byinshi, bashobora kubafungana, naho iyo wicecekeye, akora uko ashoboye akagutugira ugafungurwa; waba unafunzwe akajya akugemulira, n'igihe ufunguwe aguha ayo kwiyondora mu gihe uba utarabona ayawe. Naho kugirango bazaduce bishoboke kereka bamenye abadushyigikira bese, kandi biragoye kubamenya.

SHOFELI : Sha koko nibyo, kubona ukuntu patron agulisha ibintu ku mafranga make, naho nibene nkibyo. Cyangwa nkabona umuntu natanze gutwara imodoka agize atya apakiye iduka reka amakamyi sinakubwira, naho nimwene ubwo buryo bakizemo. Jye nzemera niye dukye tuvuye mu maboko yanjye, ntakijijwe mutwo abandi. Ariko se buliya umuti uzaba uwuhe ngo uyu mwaka w'urubyiruko usige iyi si imerewe neza.

BAZIBAZA : Yewe umuti si uwanone si nuwejo, usibye ko wenda ubwo isi yose yatugeneye uyu mwaka ushobora kuba intangiliro, twiyumvishije imilimo y'amaboko ifite akamaro, bityo ababyiruka bese, bagashishikalira gufatanya, kandi bakazamura icyaro bavukamo; kandi bagacika ku ngeso yo kwifuza, kumera nka naka wise amashuli ye cyangwa undi Imana yahaye akabona amafranga menshi. Irali nirishira m'urubyiruko, byose bizatungana n'amajyambere aziyongera, kuko buli wese azajya agira umujinya, agakora atizigama kugirango wawundi uri mu muji atazamusuzugura kuko we ari mu cyaro. Kubera ko n'urubyiruko ruto ruzaba rwaratojwe kutirukira mu muji, rukaba rureba bakuru babo bamerewe neza mu cyaro, bizatuma rutabahunga, kuko ruzaba rureba mu cyaro hari ibikorwa bizana amafranga. Naho amahoro igihe urubyiruko ruzabarwibumbiye hamwe nta macakubili arimo, amahoro nayo zasagamba bitewe nuko igihe baculiye inama mbi bazaba bibereye mu milimo yabo, kandi n'umuco wo gufatanya mu gutabarana, ntibagomba kwuwutezuka, ndabona ibyo tubikulikije ntaho umwanzi yaca, nuwabigerageza byamupfana. Naho ubundi icyo nkubwiye cyo, urubyiruko nirudakulikiza nkibyo nkubwiye, isi izahora imerewe nabi, bibe uruhererekane kugeza no mu buvivi.

SHOFELI : Koko ndumva umuti ari uwo, ari ugutoza urubyiruko gukunda imilimo y'amaboko, bakikuramo gukunda gukira vuba, kandi na leta ntihweme gukulikirana abashyigikiye amabandi.

(Ubwo namara kumubwira ayo magambo, ahite avuye mu modoka, amusezereho)

C. BAZIBAZA ageze iwabo (BAZIRUGUYE, BAZIBAZA)

BAZIRUGUYE : (Ali mu inzu) aliko icyo milindi numva, ni babakenya b'abajura? Ndumva n'ibicuro ali byinshi mu ntoki, noneho ntibansigaza, aliko nihahandi niba bamfanguliraga.

BAZIBAZA : Muraho yemwe

BAZIRUGUYE : Aliko ubwo igihe mwambulije amahoro murahaka iki ko nta kintu kili muli iyi nzu, ni inyama yanjye mushaka ? Mwandebye inkandagiro koko yee. Iyo BAZIBAZA aba hano, tuba dufatanyije tukabarwanya, none nimwikorere icyo mushaka.

BAZIBAZA : Erega niwe kingura urebe !

BAZIRUGUYE : Ubwo se muragoreka amajwi ntabwo, nimusibe kunshuhulira wenda mwazabona aje aliko ni hahandi, reka nkingure mukore icyabazanye (amaze gukingura nabona umwana we atangare) Yampaye inka Rucamumihigo ! Ni wowe nakomeje kwicisha imbeho, yewe Imana iruta imanga koko, ninshaka mpfe ubwo nkubonye. Uraho aliko mwana waaa !!!

BAZIBAZA : Uraho neza muzeee !!

BAZIRUGUYE : Ngo ngiki shaaa; ngo ndi umuze ? Narakureze none umaze kumva aho wigejejee; ugiye kumfatanya na Rubanda ?

BAZIBAZA : Erega si ukugutuka, muzehe bivuga umusaza mu kiswahili.

BAZIRUGUYE : Niko se Bazibaaa, ubu wabaga hehe ?

BAZIBAZA : Niberaga mu mujyi i Kigali; nkora ahantu hitwa muli Minagiri.

BAZIRUGUYE : Ngo muli Minajuru ? Mwene Musonera ntiyambiye ko uri ibandi, yaba gukora mu mifuka alibyo wita muli Minajuru ! Ubu rero nizeye ko uje, ukaba ugiye gufatanya n'abandi mu kworora mugahinga, ukanzamura nawe ukizamura, ntukomeze kwizererera mu mujyi ubuza abandi amahoro. Numvishe ko nizo ntego ko alizo isi yose yahereyeho itegura umwaka wanyu w'urubyiruko.

BAZIBAZA : Reka da, sinshobora guhama mu cyaro, ubwo nnyewe ngenyine ninjye wabuza abandi gufatanya ngo bagere ku majyambere, cyangwa ubabuza amahoro !

BAZIRUGUYE : Niko se mwana waaa, ubu ugumye hano, ugahina umugongo ugakora, ukazashinga urwawe ubwo isi ntiba yungutse umulyango, ufatan-yije se n'abandi, ntiwagira icyo ubungura mu bwenge ufite, abantu se bo kugirango bororoke ntuzi ko bakomotse ku muntu umwe ? Ntukigaye, kuko igihe upfusha ubusa imbaraga zawe ubwo igihugu n'iyi si biba bihomba cyane.

BAZIBAZA : Ubwo ulibeshya, sinzaguma hano, nalinje kureba ko ukiliho, none ndakubonye ejo nzahafata.

BAZIRUGUYE : Mwana wanjye ko nakubyaye, nkanaguhahira uli mutoya ngo ejo utazicwa n'inzara ndeba, ni kuki rwose unyisha agahinda, nkubu ngubu wansigiye nde nshobora kwiyambaza ngo dufatanye muli ibi bihe tugezemo ubukungu bw'iyi si bujegajega ?

BAZIBAZA : Yego warambyaye, none ubu ngejeje mu gihe ubu ngomba kwigenga; kuko ni iyi si yaduhaye uyu mwaka, tugomba rero kuwigengamo.

BAZIRUGUYE : Aliko se kwigenga wagizengo ni uguhunga ababyeyi, ahubwo ni ukurushaho kubumvira mukanabakosora mu gihe bayobye, mubagarura mu nzira iboneye, kandi mugafatanya gukora kugirango muzamure iyi si ntawe ubibahatiye. Nibwo bwigenge bababwira naho ubundi wazagwa mu rwobo utazabasha kwivanamo ngo uligenga ngo uzakora icyo wishakiye.

BAZIBAZA : Nzagwa mu rwobo se ntareba, aho ntugirango ndi wowe ushaje utashobora kurwikuramo.

BAZIRUGUYE : Nshimye yuko uvuze ko nshaje, kuziko nshaje kandi nyoko yara-pfuye ukili mutoya, nkanga gushaka undi ngo atazaguhera bika-mbabaza, wagumye hano ukanyitura iyo neza nakugiliye, ntuzi ko rwose ali nta mugabo umwe !

BAZIBAZA : Ntube se warazanaga undi, uramuzane urebe ko nkubuza, ubwo ni ubusambo bwakubujije naho ubundi uzajye muli koperative, sinumva ngo ino hano zirahali nyinshi.

BAZIRUGUYE : Uti ni ubusambo, iyo mbugira, ntuba warakuze ! Ubu ko nshaje nakwemerwa nande ni bwa bwenge buhera ubundi umuntu yibuka amaze gusaza ! Ubu se najya mu yihe koperative ko nshaje, ko ali wowe wayijyamo wowe ugifite amaboko mazima.

.../...

N'abaturanyi bose baranciye kubera wowe, nta numwe ukimvugisha aho nyarukiye njya kuvumba, kuko kuntumira ko babiretse, bakanshuragiza nta gicumuro nakoze; ngo bisa naka niwe mubyeyi, ngo naho uwanjye yabaye icyohe, nge ndi nyakamwe, nyabusa wahamye hano bakantinyira ko uhali.

BAZIBAZA : Ngo ntibagutumira, ni bwabusambo nakubwiye, ujye ubatumira nawe ! naho kuntinya se hali imbunda cyangwa indi ntwaro mba mfite ngo bantinyire icyo.

BAZIRUGUYE : Erega imbunda singombwa kugirango bagutinye; ukulikije ziriya ngingo zatanzwe n'umulyango w'abibumbye, ntawagutinyuka. Imbunda yawe ikaba ibikorwa byawe ndetse nibyo ubufatanye wajya ufatanya n'abandi. Amasasu yawe yaba umusaruro mwaba mukuye muli ibyo bikorwa; mutuye heza, murya neza mwambaye neza mufite n'ifaranga ryabagoboka maze ingabo yawe, ikaba ubwumvikane waba ufitanye n'abandi, hagira ugusagalira; ugatabaza abo mufatanyije maze ntihagira ukubuza amahoro yawe, nanjye ndetse amahoro yanjye nayo igihugu yaba asagambye. Naho ibyo utabigeze uzahora usuzugulitse ndetse najye nta cyubahiro nzigera ngira, n'abana bahora bancira, n'amabuye ntibatinye kuyamvumereza, bazahora bansuzugura igihe cyose bazaba batakureba hano mu rugo wifashije.

BAZIBAZA : Ubwo se baba bagutuka utabanduranyijeho ubatuma ko ituma ryawe ndizi.

BAZIRUGUYE : Naba namaziwe nuwo nibyaliye mwene rubanda akaba aliwe unyumvira. Dore nsigaye mara kabili ntakoze ku munwa kandi rwose ntabuze ibyo kurya, ali ukubera kubura unyegereza udukwi, ndetse n'amazi yo kubiteka. Rwose wakwibajije ukaguma hano ko merewe nabi muli iki gihe kubera imiruhoro ndetse n'ubusaza bukaziramo.

BAZIBAZA : Wazazanye umuboyi akagutekera ntujye uburara; naho gusaza se ndi Imana ngo nguhindure umusore.

BAZIRUGUYE : Ubu se uwo muboyi namuhemba iki ? Kandi ngo umwana w'undi akwangira ko utamubyaye ntakwangira ko utamugabulira. Naho kwiyuburura kwanjye, ni wowe nabikesha, uje ukaguma hano ukangabulira ukamenya, sinasaza vuba. Kandi ngo n'urukwavu rukuze rwonka abana.

.../...

BAZIBAZA

: Erega igihe wavugiye urata inyuma ya Huye, simba ku izima, aho guhama mu cyaro ngo mfatanye n'abahinga bakorora, nzajya mu mujyi guteza rokare.

BAZIRUGUYE

: Aliko gaa umenya barawukubabuliyemo si gusa; wakwemeye ukalya duke twineza aho kurya byinshi utamalira; dore ibyali ibyawo biragucika, ubu urutoki ni ikigunda, ntavuze ubu ikawa ubu zararohanye, n'imilima yose ubu ni ibibara, wakumviye inama zose z'abatuyobora, maze ufate isuka ugafatanaya n'abandi k'ubu wahunze isuka kandi twese aliyo idutunze ? Ko ntacyo uzabura nuhinga, rwose uzambara nk'ikigoli, maze uyu mwaka w'urubyiruko ukazasiga usagulira amasoko kubyo ukesha ubu-fatanye bunyuze mu nzira nziza. Izina nakwise uraryanze koko ugiye kwitwa cya kirara, aho uhise hose bakwamagane uboshye ya mbwa yaciye ishumi.

BAZIBAZA

: Aliko ubwo bufatanye wibanzeho, wumvisha ko ujya kwiba aba ali umwe. Amajyambere se hali uturusha kwambara neza kandi tutabitutubikaniye, ibidahwitse ni ukuba mu cyaro nkitaba amaguru.

BAZIRUGUYE

: Erega uko gufatanya ko kwiba siko bababwira ; nayo majyambere yanyu siyo, kuko amajyambere nyayo ava ku bufatanye buciye mu nzira y'ukuli. Kandi amajyambere utaruhiye ntabwo aba ali amajyambere. N'ikimenyimenyi nuko mubikora mukenguza, igikorwa nyacyo ntawe ugihisha. Ntureba ubwo abategetsu bababwira mukica amatwi, bakaba barabahariye n'umwaka wanyu ngo muze mu cyaro kuko aliho mushobora gukorera hamwe, mufite amahoro azabageza ku majyambere y'ukuli, ubwo mubyanga intabwirwa ntimucibwa urubanza. Umunsi urugoga rwakugwiliye, shahu uzi-cuza! Igihe uzaba ufata ibigucika wabambamiye ibizaza, aho kuzasa na sana ibyasandaye.

BAZIBAZA

: Aliko urabona ko ibyo nabonaga mu mujyi ko mu cyaro bihali ? Nabonase agatabi gatera umuntu gushira ubwoba. Nabona se akayoga kagira vuba n'akatsi ka mayirungi kabuza umuntu kubura ibitotsi, maze umuntu akitwikira ijoro nk'ingati abona ali nk'amanywa.

BAZIRUGUYE

: Yebababa wee Mana y'i Rwanda, nawe wanyoye ibiyobya bwenge!! Ubwo ubiconcomerana ubwuzu uzilikana ingaruka ryabyo, uretse ko byica ubuzima bwanyu, ugirango igituma leta ibibuza suko ali inkomyi y'amajyambere; mumara kubinywa ntimugira icyo mwigereraho maze; mukitwikira ijoro mujya gusahura aho mutabitse; ndetse no kwica ntimubitinye maze igihugu kigacura imiborogo, ubwo amajyambere twifuzaga mukaba murayadindije. Nizo ndaya se wirohamo, uretse gutagaguza uwo mutungo wakugiliye akamaro, aho uzi indwara zibifishemo, zimwe zikomeye zituma umuntu apfa yibutse amagara.

- BAZIBAZA : Ngo indwara, ntuzi ko zisigaye ali nk'ibicurane, ikinini kimwe ntigihagije ukaba uraguruka abaganga se bagiye he ? Kuvura se siwo mwuga wabo.
- BAZIRUGUYE : Mbese uziko hali n'izinanirana zitanavurwa ? Ubwo mwilinze izo ndwara, imiti yazo ko inahenda, amafranga igihugu cyayitangagaho, ntiyazagurwa ibindi bidufitiye akamaro, aliko se ulinda kujya mu ndaya, ngo nakabaye umukene urugo rwanjye haburamo inka yo kugukwerera ngo ubone urwawe. Dore abo mungana barabyaye, wowe hali amahembe ushigaje kumera; njye se naze umuhana wawe ngo mbone akana n'agakazana, nkatume utuzi n'agashilira ngo nicare hasi mere nk'abandi. Nezerwe nshire agahinda, nsigare rwose ali ntacyo nganya.
- BAZIBAZA : Ubwenge bwawe niho bugarukiye koko, ubwo se uwo mugore umwe amaze iki ? Mfite buli munsu gucagura uwo nishakiye, n'ijana nkarirekura! Naho ngo ni ugusibanganya umuco, nturumva bavuga ko kurya imvange ali ingenzi.
- BAZIRUGUYE : Aliko se ntuzi ko umugore w'undi ko atamara agahinda, ngo abemuto wawe akumare agahinda. Ese abo bana urunda mu mujyi muzahura amenye ko uli se. Cyakora bazabakulikiza ingeso yanyu yo kwiba. Rwose mwana wanjye wisibanganya umuco wacu ngo mwishimire uwo ahandi nta musore wanywaga itabi atabanje kubisherwa uruhusa, none ubungubu umwana w'imyaka ibili musigaye muhura ukagirango ni inzu yahiye kubera uwo mwotsi. N'ubundi wowe nakubonye kare, igihe wambeshyaga ngo bagutumye amafranga y'ishuli, naho uragirango ubone ayo ukina mu rusimbi/ Mbese ubu bitanu wajyanye i Kigali umbwira ko wabonyeyo ishuli ubuzanye Diplôme.
- BAZIBAZA : Ibyo uvuga byarangiranye n'ubukwe bwa nijoro, sibyo muli iki gihe tugezemo.
- BAZIRUGUYE : Byose mwana wanjye ibyo byikuremo ureke kuvuga ngo ndashaje, uzakulikiza inama za bagenzi bawe, nta musore uhana undi, emera nkubwire kuko utaganiliye na se ntamenya iryo sekuru yasize avuze. Ubuto burashukana, kureba iminsi nshigaje ku isi ibalirwa ku ntoki, umugezi nzambuka ubu uli hafi, umurage nkuyu uzakugeza he nk'umubyeyi upfanye intimba wagumye hamwe utaraterera rubona ngo ubone ishyano rirakugwilira. Ngo utumviye se na nyina, yumvira ijeli ijoro riguye. Nyamwanga kumva ntiyanze kubona wenda uzabona uli i Rwanda nyabusa, dore ubwo wanze kumva inama zanjye ubyuke ujye kwa Responsable aze nguterere igiti abyandike ko ubonye umunani, maze niwiba ugafatwa bagashaka guteza utwanjye cyamunara, bazagulishe ahawe, ahanjye hazajya mu maboko ya Leta.

Dore nakwigurane enda aka kalingiti urebe n'umusambi aho uryame, ngo ibyaye ikiboze irakiligata, none nagirante.

D. BAZIBAZA ali mu giturage

(A. BAZIBAZA, UMUGORE WA RESPONSABLE, KARAKE, RESPONSABLE)

BAZIBAZA : (abyutse yirambura kandi yinanura) haaaa, reka nkarabe njye kureba uwo mumilita aliko simukira, ntabarate na limwe nigilira kandi mfite imyaka makumyabili, nta musanzu wa M.R.N.D., sinkora umuganda kandi aliryo shingiro ry'ubufatanye n'amajyambere y'igihugu kandi abantu nkatwe iyo baje mu cyaro badukeka amababa ngo tuje kuneka ngo tuzajye kuzana andi mabandi i Kigali, asyi ndawumutekera, simfite impamyabushobozi yo guteka umutwe, no mu mujyi ndawucanira nkanswe n'izi nka zo mu cyaro. Nimbona abikazemo ndamuha magana abili arabura kuyakira, cyangwa mubwire twigulire aho bali bumpe hose. (Bazibaza ajye kwa Responsable muli icyo gitondo).

Muraho yemwe kwa Responsable;

Umugore wa Responsable : Uraho nawe Bazibaza, egoko mwana w'abagesera; umujyi nuko wakugize hakwishe urw'imbwa !

BAZIBAZA : Kuki uvuze ko hanyishe kandi ureba ndiho.

Umugore wa Responsable : Yewe harakwishe wanga kuvaho, ubwo kandi uwaliye utwo umujyi ntwawuvamo aliko ubanza walibutse inama z'abategetsi zibabuza kwiruka mu mujyi bakaba barabahaliye uyu mwaka; ngo mwiyumvishe ko mu mujyi mugomba kuharekera abize, n'abafite akandi kazi kemewe n'amategeko, mwe mugahama mu cyaro mukorora mukuhanga, cyane cyane muli za koperative kuko aliho amajyambere y'igihugu azamukira vuba; kandi n'urubwiruko rukahungukira umubano.

BAZIBAZA : Mpingira bangaha ?

Umugore wa Responsable: Ugahingira inda yawe; cyangwa so uliya ufata ubusa! Cyangwa se wowe ntuba ubyaye ubwo wali umwe, ntuzi ko umwana umwe alira bakamuhoresha umugore.

BAZIBAZA : Ntuzi se ko ONAPO itubuza gushaka tukili bato ? Kuko umuntu aba ataragira ibitekerezo bihamye byo kurera abo abyaye.

Umugore wa Responsable: Wibeshyera ONAPO, abibuza ni abafite udusambu duto badafite ibintu; naho se nkawe icyo kibazo kirakureba, kureba so atali isambu yali yarafashe, yali Cellule nzima.

BAZIBAZA : Responsable se yagiye hehe ko namushakaga ?

Umugore wa Responsable : Yagiye gukoresha umuganda, aragera hano saa tanu n'igice.

BAZIBAZA : Karake se we yagannye he ?

Umugore wa Responsable : Yagiye gukora muli koperative yabo, y'ubworozi, ubu batangiye no guhingira hamwe uretse ko ikibazo cy'ubutaka cyanze, aliko rero abashyize hamwe bajya inama, ntakidashoboka, ubu numvishe ko icyo kibazo bagishyikilije umuyobozi wa za Koperative ngo yabemereye ko azagitanga ~~kugiranga~~ muli Komine, Ubwo rero wenda bizatungana. Cyakora ubungubu ali hafi agiye kuza kugirango aruhuke, kuko atahiwe gufatanya n'abandi kurara ironde ili joro; ubwo araza kuryama rero.

BAZIBAZA : Sinumva ngo se ino hali amahoro, iryo rondo ni iryo iki ?

Umugore wa Responsable : None se wakwirara ngo nuko hali amahoro, ubu uzi igisambo kizaza ryali, kugirango rero uwo mutekano udahungabana, biyemeje kujya barara ironde kuko alibo bagifite imbaraga. Uwo babonye ushaka kutubuza amahoro, nukumubagira ibisiga! Kandi rero bagomba gufatanya muli byose, bagasezerera umuco wo kuba nyamwigendaho, nibwo amajyambere yo mu cyaro azihuta nta nkomyi, kuko ufite amahoro abiba amahore.

KARAKE : (ubwo ahinguye) uravugana na nde mawe ?

NYINA : Ni Bazibaza, dore yageze hano kare !

KARAKE : Uraho Bazibaza, ubanza ino mvura imaze iminsi igwa ali wowe wayizanye !

BAZIBAZA : Ni uguhinga shahu mukilirwayo uboshye abapagasi cyangwa za mushika !

KARAKE : None se twagira dute, ntuzi ko Imana yabivumye umuntu; ko azajya aya umugati yatutubikanye. Aliko wararwaye shahu Bazibaaa ?

BAZIBAZA : Reka daa, nta n'ibicurane narwaye !

KARAKE : Noneho umujyi nta kamaro, urutwa n'icyaro, uhindura umuntu gutyo ? Kondeba ntacyo wiyongereyeho, ahubwo wasubiye i bwana. Usigaye usa nk'imbwa yapfiliye m'urumaniko.

BAZIBAZA : Mu cyaro mugejeje he mwitegura uyu mwaka wahaliwe urubwiruko ?

KARAKE : Twabaye nk'ababirangije, uretse ko ntawe ushobora kuvuga ngo ndangije gukora; uhora ushaka ko byiyongera. Dore inkwavu ni amagana ndetse n'inkoko. Twakulikije intego yo gufatanyakuko alibyo bituma tugera kuli byinshi, naho umwe aba ali umwe, burya aya bihora.

Kandi rero twiyandikishije kujya mu irushanwa ry'amashyirahamwe y'urubyiruko mu byerekeye ubworozi. Kandi ubu twiyemeje kugira isuku muli byose, twambara neza, kandi tugira isuku muli byose, kandi tukanumvikana tukilinda umwiryane ndetse n'imikino ntitwasigaye, imipira y'amaboko n'amako yose, ndetse dufite n'ikipe y'animation ikaze izajya mu irushanwa ryerekeye umuco, ubu yabaye iyambere muli Komine. Ntitwirengagije kandi umuco nyarwanda, ubu twize kubandwa n'ibindi byose bijyana n'umuco wacu wa kinyarwanda. Ibyo byose tubikora nyuma y'umulimo twilinda ko byaturangaza ntitubashe kwikorera.

BAZIBAZA : Erega ndumva nta ntego n'imwe mwashigaje ?

KARAKE : Ntayo; aliko se shahu wowe, wahamye ino aha ko tutakwanga kugushyiramo; ubwo ko ufite byinshi watwugura, ko mu mujyi ali nta kandi kamaro kuli mwe, uretse gukubitwa no gufungwa; ubwo inkoni ntizizabamugaza ?

BAZIBAZA : Ubwo nuko utarawugeramo, iyo uwumazemo kabili, wumva uwagusubiza mu cyaro wamutema. Ukemera ugahombana ukamera nk'isafuliya ishaje, ukarya umuyaga ukarenzaho umugezi.

KARAKE : Ulinda se shahu kurya umuyaga, undi so ahahira ni nde ? Umuhamye iruhande ugahinga kureba mufite isambu yera wabura iki ? Hali ufite dipolomi wakurusha kumererwa neza. Umwalimukazi we ntiyazakwemera, ukareka kujya kurya ubwo busa utamo amalira.

Responsible : (atashye avuye gukoresha umuganda) ariko abo bansakuliza banteruliye inzu ni bande ? Ahari ni uwanzaniye inzoga; mbese ntiyaba ambyaye, yewe nayokora ntawe nahaho ! Mwiliwe yemwe ? (bose bamwikiliza limwe ngo yiliwe) Yampaye inka sinzabakwira ! Bazibaa uraho shaa ! Niko sha ako ni akarusho k'umugi wabaye ingarame pee !!

BAZIBAZA : Nta nzara nyamara ni ibibazo by'ubuzima bwo mu mujyi !

Responsible : Urinda se kugira ibibazo, wahamye ino aha ntiwabibonera umuti ? Uragenzwa n'iki se raa ni ubuhoro ?

BAZIBAZA : Narinje kubabwira ngo muze kureba aho Data anterera igiti ku munani agiye kumpa.

Responsible : Umunani se ninde muburana iyo sambu byose si ibyawwe, ntaraye ali buhilime byose ukabikukana, uretse ko nta gikorwa ufitemo, ngo wiyambaze abandi basore kuko ali nini utayishabika kuyihinga wenyine ngo uyishobore. Genda umubwire ko nza kuza saa cyenda ngaho herekeza undi musore Karaa; ubanguke aliko atakwinjizamo ibitekerezo by'umujyi ndabizi ihene mbi ntawe uyiragiraho iyeee. (Karake ahite amuherekeza)

KARAKE

: (bari mu nzira amuherekeje) Shahu Bazibaza ubwo so aguhaye umunani, ntuzahapfushe ubusa ngo uhagulishe, ugize Imana uzajya uhingamo imbuto za Kizungu muli kiliya gishanga, kuko abakuze bavuga ngo wimwononera umulina ushyiramo ibyontazi bihagunduzwa. Ubwo uzaba uwigengaho ntawe uzakubuza kandi nuza muri koperative tugutiza igitabo cyerekeye ubuhinzi bwa kijyambere, ndetse tuzagufasha kuko intego yacu ari ugufatanywa kugirango hatazagira umusore wino aha usigara inyuma mu majyambere.

BAZIBAZA

: Ntabwo nzahagulishe daa, sinabigira, ntuzi ko ariwo murage w'ingenzi.

KARAKE

: Ko ubivuze useka shaa, ako gatwenge ni ako uburyarya. Wilirwe, nushaka kutwisunga uzaze mu nama kuwa kane, tuzige ikibazo cyawe, kandi rero nzabikugiramo ntibazakwangira (ubwo bahite basezeranaho, batandukane).

BAZIBAZA

: (Wenyine mu nzira yivugishaga) Erega ino byarakomeye ! Indamutso yabo duhuye bose ni ukumbwira ngo nimve mu mujyi nze njye muri za koperative; ngo niho amajyambere y'igihugu niyi si azatera imbere ngo n'amahoro niho azasagamba ! Buriya barivugira bazawucamo bene-ngango bishobokeye, aliko se ko mu mujyi batugejeje ahaga, none n'icyaro twavugaga kuza kwibamo, urubyiruko rwiyejeje gukora amarondo ngo rwubahilize umutekano w'igihugu. Kuhaza ni uguhungira ubwayi mu kigunda, ariko icyaro ni kiza, nabonye uriya musore uko ameze neza kandi ahingana, numva ndigaye njyewe udahingana ! Intego z'uyu mwaka wacu nta nimwe bateshutseho, zose bazihuliyeho, si ababyeyi, bishimiye ibyo abana babo bagezeho muri za koperative, si abasore bishimiye izo ntego kuko zizabazamurako. Naho twe wagirango hari uwadukubitiye guhingana no kworora n'indi milimo y'amaboko; wagirango amajyambere aturutse mu bikorwa by'umuntu ku giti cye no muri za Koperative ni indwara twilinda ko itwanduzwa, amahoro yo kuli twe ni nko gusubiza umugabo ku ibere ariko se guhora ducungana n'abubahiliza amahoro, tuyabuza abandi bizatugeza kuki ? Nindafungwa nzagwa mu cyuho nagiyeye kwiba, ako umukobwa ashatse karamugalika, ntareba ubwo abategetsi baduca mu mujyi tukanangira, n'abaturage bakaba bariyumvishije ko gufatanywa muri byose bizabageza kuli byinshi, ako tuzakura mu mujyi tuzagafatisha amaboko yombi ! Ngo umuntu amanika agati yicaye, kukamanura agahagarara.

B. BAZIBAZA AGANIRA N'UMUKOBWA ZANINKA

- BAZIBAZA : Papa, ngiye kuvoma amazi, nze ndebe ko nashyira inkono ku ziko. (ahite afata ikivomesho ajye kuzana amazi) asangeyo Zaninka ku iriba).
- ZANINKA : Ikintu kinzanye kuvoma kirakoze, kugenda bitera kubona koko, ntawari akikwibuka.
- BAZIBAZA : Uraho Zanii, baramukanye gira umugabo.
- ZANINKA : Namubonye he ? Ndamukugize (bose baseke) amakuru ki y'i Nyarugenge hakujiyanye, wabaye mutima udakumbura, ariko ubanza warumvise Karoli ashuti yanjye.
- BAZIBAZA : Ni meza usibye ko ubuzima bwo mu muji bugoye; mugejeje he se mwitegura umwaka w'urubyiruko, nabonye abahungu bo bahinga, borora ukagirango ni muri ISAR.
- ZANINKA : Yewe natwe twarabyitabiliye, kandi twese ntabwo twatangiye tuzi ko umwaka w'urubyiruko uzaza, ufite intego yo gufatanya ngo isi izagera ku majyambere iyakesha amahoro azira umwiryane. Ubwo rero ni ukuvuga ko uyu mwaka ko tugomba kuruhaho gukaza umurego kandi ukabera intangiliro urubyiruko rwose. Ari urwize, ari urutize ko rugomba gufatanya kuko ibintu ari magirirane, maze amajyambere mu minsi itaha akazaba ateye intambwe igaragara. Kubahiliza amahoro ya buri wese nayo igihugu, maze umwiryane n'intambara mu minsi iri imbere bikazaba bitakivugwa kuko isi izaba ari twe, n'urubyaro rwacu ruzaba ruyishinjwe. Tukazilikana ko nta mugabo umwe.
- BAZIBAZA : Ndumva mwarabyitabiliye ! Ariko se namwe, abakobwa murahinga mukorora ?
- ZANINKA : Bamwe barabikora kuko ubufatanye ntiburobanura, kandi n'amajyambere ntiyazazamurwa n'igitsina kimwe, none se umugore ntafasha umugabo guhinga no gukenura amatungo ? Ubwo se ni iki cyatuma abari dusigara inyuma kandi dufite amaboko mazima. Na M.R.N.D. ivuga ko u Rwanda ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo ntawe usigaye kandi amajyambere agahera mu cyaro.
- BAZIBAZA : Mwe se muhinga he ?
- ZANINKA : Twe guhinga no kworora ni umwihaliko w'umuntu ku giti cye, twe koperative yacu niy'ubukolikoli; kudoda, kuboha, gufuma, no gutaka.

BAZIBAZA : Erega ndumva koperative yanyu ikomeye ! Mwabitewe niki kugirango muyishinge ?

ZANINKA : Twararebye dusanga turangije familiale, twiyemeza gushinga iyo koperative, aho kujya kwiruka inyarugenge dushaka akazi, dusanga twakabura tukaba indaya. Cyakora ubu si abize familiale gusa turi kumwe, n'abatarayize twarabigishije, ubu nabo bamaze kubimenya, nabatarigeze mu ishuli ntabwo twabirengagije, twabigishije gusoma no kwandika, k'uburyo integoyuyu mwaka twiyemeje ni uko nta mukobwa numwe uzaba utazi gusoma no kwandika.

BAZIBAZA : Ubwo se nta kibazo mugira cyo kugulisha no kuba mufite inzu ihagije mukoreramo ?

ZANINKA : Nta kibazo dufite, ubu Leta yashyizeho amangazini agulisha ibivuye m'ubukolikoli. Hari kandi umupadiri ubidufashamo akabyohereza iwabo bakabigulisha. Ibindi abaturage babisanga hano, ndetse bikaba bikeya. Kandi ubu twiyujuliye inzu ikomeye dukoreramo.

BAZIBAZA : Ariko ZANINKA, ntabwo bari bakunywera ?

ZANINKA : Reka daa, abasore bubu, ntimushaka gushaka, imyaka cumi n'icyenda kandi ntabwo nari niheba. Ubu ntabwo nshaka inzu, kuko iyo umuntu ashatse inzu akili muto, bituma nta buzima bwiza agira, kubera guhora abyara, ariko rero abakobwa bino twihagazeho, ntawe ugipfa gusanga umusore atabanje kureba ko afite ibikorwa. Ntitureba igihagararo n'ubwiza; ubwo se ubwo bwiza waburya ? Kandi twiyemeje kubumbatira umuco ntitugipfa kugenda forode ngo ni amajyambere, wihitiramo ariko n'ababyeyi bakabigiramo uruhare.

BAZIBAZA : Ubwo se mwazagumirwa cyangwa mugatwara inda ?

ZANINKA : Ubu natwe urubwiruko, muri uyu mwaka; ntituzatangwa mu nama za ONAPO.

BAZIBAZA : Inama za ONAPO namwe zirabareba ko zireba abubatse ?

ZANINKA : Ni natwe tureba icyo kibazo, wamubyara ukamushyira he mu gasambu k'iwanyu kangana urwara, ubu amayeri yanyu mukoresha abasore twamaze kuyatahura, musigaye mwatsa umuliro mujunditse amazi, hari byinshi mudushukisha, waba utabyitondeye ukagwa mu ruzi urwita ikiziba. Mudushukisha amafranga, ngiyo imodoka utarihiye itike ! Suware nziza ntigucike n'ibindi aguha uti uyu ni fiancé, rwose naho byahehe biragatabwa.

Yego ntitugomba kubihunza, aliko tukamenya ko iyo ari fiancé nyawe, ashobora kwemera agategereza kuko muba muzashyira mukabana, naho iyo umwihebeye arakubwira ati sinjye musore njyenyine, akaba araguhemuje kandi yakwilingiraga kuruta byose, aliko akubeshya.

BAZIBAZA : Mwatana akagenda, aba riwe musore wenyine ?

ZANINKA : Ngo utakwambuye aragukereza ! Uziko iyo amaze kukubikaho urusyo nta musore wongera kukwegera, abo muhuye baseka bose bakakubwira ngo ubaye uwande, ukabura hose nk'ingata imenye, ukibuka abo wabenze, ukabona ibyisi byose ari ubusa. Ugashoka mu bapfumu ngurebe ko wabona umugabo, ariko byose bikaba ibyo ubusa. Ukannywa imiti y'ubwoko bwose, ariko ikanga kuvamo. Utarora neza ukaba nka Nyirantabwirwa, ngo yishwe n'imiti yannyweye atwite ngo agirango ivemo.

BAZIBAZA : Ndumva imvugo niba ingiro, ikibazo cy'abana batagira ba se, ino kizagabanuka.

ZANINKA : Ikindi tuzihatira kurwanya kwiha ubwiza Imana itaduhaye, kuko ibyisi ni zunguruka, hariho ubwo wabura amafranga yo kugura iyo miti, tukamera nka Mariya wabibuze akamera nk'inkono iteka.

BAZIBAZA : Ko mbona umukobwa wisize ko amera nk'ikizubazuba, abasore bakamurwanira nk'imbwa zirwanira amagufwa.

ZANINKA : Nanone se kugirango bankundire uko nsa inyuma bimaze iki ? Sinjya mbona ahanini abo bisize aribo bamara kugera mungo zabo bagacuyuka, byakubitiraho ko umugabo aba yaramuzanye kubera isura y'inyuma atazi imico ye, ibibazo bikaba biravutse, bakaba bararushenye.

BAZIBAZA : Yewe ndumva mufite imigambi myiza, ahasigaye nzaza kugusura, uzanyereke nibyo mwagezeho (basezeraneho batahe).

C. BAZIBAZA BAMUHA UMUNANI (Responsable, ABAGABO, BAZIRUGUYE, BAZIBAZA)

BAZIRUGUYE : (afate ijambo abwira abo bagabo bari baje gutanga umunani) icyatumye mbahamagara uyu musore muzi igihe yagendeye, mbonye aje ngirango ntazasubira mu muji mubajije araranga ararahira ko atazahama ino aha; none ndagirango muhe umunani, nagira ibyo yonona bazabigulishe.

Responsable : Niko sha Baziba, ibyo so avuze arakubeshyera ? Aribyo kuva ubu zana ibyangombwa byawe maze ndebe !

BAZIBAZA : Barabinyibye, byose hamwe n'igikapu cy'imyenda.

Responsable : Ukora ukora iki ? Wibeshya yaba ari ugukora mu mifuka ! Aribyo nonaha nibakumfashe tukujyane kuri Komine, n'ubundi bene nkamwe iyo mwaje mu giturage muba mwaje kuneka mukaduteza amabandi.

BAZIRUGUYE : Oya Responsable, inkoni y'umubyeyi iba ndende; nimukore icyo nabahamagaliye azafungwa n'abandi. Sinumva ngo muli gereza bahigira ubukozi bw'ibibi bukaze, yazafungurwa akazarushaho gukora amarorerwa.

Responsable : Ntimwumva akazi k'abaturage, bazabigisha bageze he ? Ntiwumvishe mu nama ejo bundi mu nama bavuga ko mwene nkaba **nituzajya** tubabona ko tuzajya tubashyikiliza ubutegetsu bwa Komine. Ngaho twereke vuba twigire mu milimo yacu.

BAZIRUGUYE : Isambu yanjye ni ukuyisaturamo kabili n'imilima yanjye yose, ahitemo aho ashaka.

BAZIBAZA : Mwe kuyigabanyamo kabili, mvuye ku izima, ntabwo nzasubira mu muji, nabayeyo igihe kirekire, ubuzima bwaho ndabwanze rwose, ntabwo nigeze ngira amahoro ndiyo, mvuyeyo nsanga ibikorwa urubwiruko rwo mu cyaro rwagezeho, twaribwiraga ko rwandaraye. None imigambi nagejejeje weho na Karake yo kwifatanya nabo muri byose, ndayemeye, ndetse Bwana Responsable, akira utu dufaranga igihumbi uzansorere no kugumya kwitwa gahuru, none kandi ndagusaba kuzamfasha ukanshyigikira nanjye nkajya muri Koperative, ngafatanya nabo. Ndetse kubera ko aho bakorera ari hatwo, nzajya mbatira hariya ku gishanga, n'amagi yabo apfa ubusa, zabereka aho bazajya bayagemura mu mahoteli, no kubagira inama yo kubitsa amafaranga yabo muli Banki y'abaturage, kuko umubitsi ashobora kwiyibisha agahomba.

BAZIRUGUYE : Yiruhutse, umutima wanjye ugiye hamwe ! Icyo gitekerezo ugiyokomeze; ujye uzilikana ko nta mugabo umwe, nyakamwe ari inyama y'igisiga, ikindi kandi nababwira uwacye umugani, ko isi itagira inyiturano yaribeshye, kuko inyiturano y'isi njye ubu nyibonye, ari uyu mwaka yageneye urubwiruko, nuko ahasigaye uzabyare wororoke ! Uzahinge weze, uzabonere aho abandi babuliye; burya rubanda bazira uguye, ariko kugera kure siko gupfa, wenda Bazibaza bangarukire, kuko ubu unshubije icyubahiro nahoranye, n'isi yabageneye uyu mwaka irakagwira, kuko ari nayo yaguhaye inama zo kuva mu muji.